


REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISTERI Y'UBUREZI

IGITABO CY'AMAHUGURWA Y'ABARIMU B'AMASHURI ABANZA
KU NTEGANYANYIGISHO ISHINGIYE KU BUSHOBOZI
IKINYARWANDA



IGITABO CY'UHUGURA



UKWAKIRA, 2019

© 2019 Rwanda Education Board

All rights reserved

This book is the property of Rwanda Education Board. Credit must be provided to REB when the content is quoted

ISHAKIRO:

IJAMBO RY'IBANZE.....	vi
GUSHIMIRA.....	vii
ISOBANURAMPAMVU.....	viii
IBIREBANA N'IKI GITABO CY'AMAHUGURWA.....	ix
INTEGO Z'IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE.....	x
INTANGIRIRO RUSANGE.....	x
INTEGO Z'AYA MAHUGURWA.....	x
UMUTWE WA I: INTANGIRIRO Y'AMAHUGURWA.....	11
Inyigisho ya 1: Ibibazo abarimu bahura na byo mu myigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza.....	12
Igikorwa: Kugaragaza ibibazo abarimu bahura na byo mu myigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda n'uko babikemura: iminota 40.....	13
UMUTWE WA KABIRI: IBY'INGENZI KU NTEGANYANYIGISHO ISHINGIYE KU BUSHOBOZI.....	15
Inyigisho ya 1: Inshamake ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiyeye ku bushobozi.....	15
Uhugura ashimira abahugurwa ibisubizo batanze akagerageza kubihuza n'inyigisho igiye gutangwa.....	15
Inyigisho ya 2: Kongera ubushobozi mu myigire n'imyigishirize mu isomo ry'Ikinyarwanda....	17
Inyigisho ya 3: Itandukaniro hagati y'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bumenyi n'ishingiye ku bushobozi.....	23
Inyigisho ya 4: Kwita ku ngingo nsanganyamasomo mu isomo ry'Ikinyarwanda.....	26
Inyigisho ya 5: Imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri mu kuzamura ubushobozi.....	28
UMUTWE WA 3: GUSOBANUKIRWA IKINYARWANDAMUNTEGANYANYIGISHO ISHINGIYE KU BUSHOBOZI.....	31
Inyigisho ya 1: Impamvu zo kwigisha no kwiga Ikinyarwanda mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi (<i>Curriculum Framework pre-primary to upper secondary, 2015, page: 54-55</i>).....	31
Inyigisho ya 2 : Imiterere y'integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza.....	33
Inyigisho ya 3 : Kwinjiza ingingo nsanganyamasomo mu masomo y'Ikinyarwanda.....	40
Inyigisho ya 4 : Gusesengura ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe mu isomo ry'Ikinyarwanda.....	42
Inyigisho ya 5: Kwinjiza ubushobozi nsanganyamasomo mu myigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda.....	51
Inyigisho ya 6: Gukora no gukoresha imfashanyigisho.....	53
UMUTWE WA 4 : ISUZUMA MU NTEGANYANYIGISHO ISHINGIYE KU BUSHOBOZI.....	6
Inyigisho ya 1: Amoko y'isuzuma mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi.....	56
Inyigisho ya 2: Uburyo bwo kubaza ibibazo mu myigishirize ishingiyeye ku bushobozi mu isomo ry'Ikinyarwanda.....	60

Inyigisho ya 3: Gukora inyandiko y'ibyavuye mu isuzuma no gukora raporo y'intambwe umunyeshuri agenda atera mu myigire ye (Recording and portfolio).....	63
UMUTWE WA 5: IMIKORO NGIRO (CLASSROOM PRACTICE).....	69
Inyigisho ya 1: Gusobanukirwa n'imbata y'isomo.....	69
Inyigisho ya 2: Intego ngenamukoro.....	73
Inyigisho 3: Gutegura no kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda.....	76
IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE.....	78
IMIGEREKA.....	79
IMPINE Z'AMAGAMBO.....	88

IJAMBO RY'IBANZE

Barimu barezi,

Intego nyamukuru y'uburezi mu Rwanda ni ukureba niba abanyeshuri bahabwa ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya mu byiciro byose by'imyigire yabo; bagashishikarizwa gukoresha mu myigire yabo ubumenyi n'ubushobozi basanganywe kugira ngo bagere ku musaruro bitezweho.

Iki gitabo cy'amahugurwa kizafasha abarimu kurushaho gusobanukirwa uburyo bwo kwigisha Ikinyarwanda mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi. Abanyeshuri bagomba guhabwa ubushobozi bukwiye bubafasha kwikemurira ibibazo bahura na byo mu mibereho yabo ya buri munsu; bagomba kugaragaza ubudasa atari mu mibereho yabo gusa ahubwo no ku rwego rw'igihugu ndetse no ku rwego mpuzamahanga.

Hagendewe ku isuzuma ryakozwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi ku rwego rw'igihugu, byagaragaye ko abarimu bagikeneye gufashwa muri ibi bikurikira:

- Gusobanukirwa uko bakwigisha buri somu mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi;
- Kwinjiza ingingo nsanganyamasomo muri buri somu bigisha;
- Kwita ku bushobozi nsanganyamasomo muri buri somu bigisha;
- Guteza imbere ubushobozi nsanganyamasomo mu masomo bigisha;
- Gusobanukirwa uburyo butandukanye bwo kubaza no gusuzuma abanyeshuri.

Twizeye ko iki gitabo cy'amahugurwa kizabafasha kunguka ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bizabafasha guhuza neza ibikorwa byose n'ibigamijwe mu burezi.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi mfashanyigisho yo guhugura abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri abanza. Mu itegurwa ry'iyi mfashanyigisho habayeho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye nka British Council, Kaminuza y'u Rwanda Ishami ry'Uburezi, amashuri abanza n'ayisumbuye yigomwe abarimu, bakaza gufatanya n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB). Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Ndashimira by'umwihariko umuryango nterankunga British Council kubera inkunga mu rwego rw'imari na tekiniki watanze mu itegurwa ry'iyi mfashanyigisho.

Byongeye kandi, ndashimira abakozi ba REB mu mashami anyuranye bakurikiranye bakanayobora abarimu bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu itegurwa ry'iyi mfashanyigisho kugera ku musozo.

Sinarangiza kandi ntashimiye n'undi wese wagize uruhare mu itegurwa ry'iyi mfashanyigisho.

NGOGA James

Umuyobozi w'Ishami Rishinzwe Imicungire n'Iterambere ry'Abarimu n'Ubujoyanama ku Mwuga muri REB

ISOBANURAMPAMVU

Integanyanyigisho mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu Rwanda yaravuguruwe ireka gushingira ku bumenyi gusa ahubwo ishingira ku bushobozi. Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi ni ingenzi cyane mu gukemura ibibazo by'imibereho myiza n'ubukungu by'Abanyarwanda. Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi kandi izakemura ibibazo by'ubushobozi abarangiza ku bajyana ku isoko ry'umurimo.

Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi yatangiye gushyirwa mu bikorwa mu mashuri yo mu Rwanda muri Mata 2015. Kuva icyo gihe, abarimu n'abayobozi b'ibigo by'amashuri bakoze amahugurwa anyuranye ku bitabo bikurikira:

Igitabo cya 1: Imenyekanisha ry'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi;

Igitabo cya 2: Ishyirwa mu ngiro ry'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi;

Igitabo cya 3: Kungurana ibitekerezo ku bikorwa by'imyigire n'imyigishirize no ku bikorwa by'isuzuma.

Gusa, abarimu baracyagaraga ibibazo byo kwinjiza ingingo nsanganyamasomo mu masomo bigisha no gutegura ibikorwa bifasha abanyeshuri kuzamura ubushobozi nsanganyamasomo. Ibi byagaragajwe mu bushakashatsi bwakozwe na REB ku bufatanye na British Council n'abandi bafatanye bikorwa ku byuhoro bigaragara mu ishyirwa mu bikorwa ry'Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi. Byaragaragaye ko abarimu bagikineye amahugurwa yabafasha muri ibi bikurikira:

- Gusobanukirwa uko buri wese yakwigisha isomo rye mu buryo bw'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi;
- Gusobanukirwa uko bakwinjiza ingingo nsanganyamasomo mu masomo bigisha;
- Gusobanukirwa uburyo bwo kuzamura ubushobozi nsanganyamasomo mu isomo yabo;
- Gusobanukirwa uburyo bwo gutegura ibibazo no gukora isuzuma;

Ni muri urwo rwego hateguwe iyi mfashanyigisho y'amahugurwa kugira ngo ifashe abo igenewe kumenya uko bakoresha uburyo bw'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi mu masomo yabo, haherewe ku masomo abazwa mu bizami bya Leta.

IBIREBANA N’IKI GITABO CY’AMAHUGURWA

Nk’uko byagaragajwe n’ibyegeranyo bitandukanye, abarimu benshi b’Ikinyarwanda baracyafite imbogamizi zo kwinjiza ingingo nsanganyamasomo mu masomo bigisha no kuzamura ubushobozi nsanganyamasomo mu bikorwa bitandukanye by’imyigire n’imyigishirize.

Intego y’iki gitabo cy’amahugurwa ni ugufasha abarimu gkugeza abanyeshuri ku bushobozibukenewe no kwinjiza mu masomo yabo ingingo nsanganyamasomo mu rwego rwo guteza imbere imyigire yabo. Ibi bisaba abarimu gukoresha uburyo buha umunyeshuri uruhare mu isomo ku girango kuzamura ubushobozi bw’ibanze. Abarimu bateza imbere ubushobozi bw’umwana binyuze mu bikorwa bitandukanye by’isomo, iki gitabo rero kizabibafashamo.

Abarimu b’Ikinyarwanda rero bagomba guhora bongera ubumenyi bwabo kandi babujyanisha n’igihe, bakoresha uburyo buha bugezweho bwo kwigisha.

Imiterere y’ibiri muri iki gitabo:

- Isobanurampamvu
- Intangiriro
- Imitwe : itanu
- Imitwe igabuyemo inyigisho
 - Umutwe wa mbere ugizwe n’inyigisho imwe
 - Umutwe wa kabiri ugizwe n’inyigisho eshanu
 - Umutwe wa gatatu ugizwe n’inyigisho esheshatu
 - Umutwe wa kane ugizwe n’inyigisho enye
 - Umutwe wa gatanu ugizwe n’inyigisho eshatu
- Inyigisho igizwe n’ibice by’ingenzi bikurikira
 - a. Umutwe w’inyigisho
 - b. Intego z’inyigisho
 - c. Imfashanyigisho
 - d. Intambwe z’inyigisho:
 - Intangiriro
 - Inyigisho nyirizina
 - Umusozo
- Inyigisho nyirizina igabuyemo ibikorwa
- Isomo ntangarugero

INTEGO Z'IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE

Nyuma y'aya mahugurwa abarimu bazaba bashobora:

- Gutegura amasomo ku gihe;
- Gutegura isomo uko bikwiye;
- Gushishikariza abanyeshuri gukunda isomo ry'Ikinyarwanda;
- Kwinjiza ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo mu nyigisho y'Ikinyarwanda;
- Gutekereza ku byo umunyeshuri akeneye mbere yo kumwigisha;
- Kunoza imikorere mu gihe cyo kwigisha;
- Kunoza imyigire y'abanyeshuri.

INTANGIRIRO RUSANGE

Gukoresha integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi mu mashuri, bisaba guhindura no kugira imyumvire mishya mu bijyanye n'uburyo bw'imyigire n'imyigishirize ndetse n'ubwo gukoresha isuzuma. Umwarimu ni we shingiro ry'ibanze mu guteza imbere ireme ry'uburezi no kugeza abanyeshuri ku mitsindire ishimishije.

Ku bw'iyompamvu, umwarimu agomba kugira ubumenyi n'ubushobozi buhagije kugira ngo ashobore gushyira mu bikorwa ihame ry'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi kandi akabigaragaza mu buzima bwe bwa buri munsu.

Ni ngombwa rero, gutegura amahugurwa ashingiyeye kuri buri somo, kugira ngo abarimu bahabwe ubushobozi buzabafasha guhangana n'ibibazo bahura na byo mu gushyira mu bikorwa imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi mu masomo yabo yihariye.

Intego y'aya mahugurwa ni ugufasha umwarimu kwinjiza mu masomo ye amahame n'ibindi biranga imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi.

INTEGO Z'AYA MAHUGURWA

Nyuma y'aya mahugurwa, abarimu b'Ikinyarwanda bazaba bashobora :

- Gusobanura impamvu ituma tuva mu myigishirize ishingiyeye ku bumenyi tujya mu myigishirize ishingiyeye ku bushobozi ;
- Kwinjiza ingingo nsanganyamasomo mu isomo ry'Ikinyarwanda ;
- Gukoresha uburyo bunyuranye mu masomo y'Ikinyarwanda, bufasha guteza imbere ubushobozi nsanganyamasomo bunyuranye.
- Gukoresha uburyo butandukanye bwo kubaza no gukoresha isuzumabushobozi mu isomo ry'Ikinyarwanda.

IMPINE Z'AMAGAMBO

ESSP: Education Sector Strategic Plan

7YGP: Seven Year Government Programme

EDPRS: Economic Development and Poverty Reduction Strategy

INTANGIRIRO Y'AMAHUGURWA

Gutanga ikaze no kwibwirana: iminota 30

Uhugura asuhuza abitabiriye amahugurwa, akabibwira, hanyuma akabaha ikaze. Areba niba abahugurwa bitabiriye bose akabaha n'ibikoresho. Ashobora no gutangiza akaririmbo cyangwa agakino.

Uhugura asaba abahugurwa kujya ku ruziga bakibwirana mu matsinda ya babiribabiri bataziranye, umwe abwira mugenzi we amazina ye, aho akora, ibyo yigisha, uburambe afite mu kazi ndetse n'ibyo akunda. Nyuma yaho, buri muntu aragenda avuga mugenzi we akurikije ibyo baganiriye. Uhugura agerageza kureba ko harimo ubusabane hagati y'abahugurwa.

Kugaragaza ibyitezwe ku mahugurwa

Uhugura asaba abahugurwa kugaragaza ibyo biteze ku mahugurwa, buri wese yandika ku rupapuro ibyo yiteze kuri aya mahugurwa hanyuma akabasaba kubisoma. Umwe mu bahugurwa akabyandika ku mpapuro zabugenewe.

Ingero z'ibibazo:

1. Ese aya mahugurwa ni ngombwa kuri mwe? Kubera iki ?
2. Aya mahugurwa azabafasha ate gukemura bimwe mu bibazo muhura nabyo mu kazi kanyu?

Ibisubizo bishoboka:

1. Aya mahugurwa ni ngombwakubera ko tuzungukiramo byinshi.
2. Aya mahugurwa azamfasha:
 - Kunoza uburyo bwo kwigisha amasomo yange;
 - Gusangira ubunararibonye na bagenzi bange;
 - Kumfasha kurushaho kuzamura urwego rw'ubushobozi bwange mu myigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda.
 - Gutegura neza amasomo ninjizamo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.

Gushyiraho amabwiriza ngenderwaho kugira ngo amahugurwa agende neza

Uhugura asaba abahugurwa gushyiraho amabwiriza ngenderwaho kugira ngo amahugurwa azagende neza. Buri wese agatanga ikifuzo ke kikandikwa. Hanyuma bakaganira ku bisubizo byatanze kugira ngo bemeranye ibikwiye ngo amahugurwa agende neza. Uhugura ashobora kongeraho ibindi bisubizo iyo bibaye ngombwa.

Amwe mu mabwiriza ngenderwaho ashobora gutangwa n'abahugurwa:

1. Kubaha ibitekerezo by'abandi ;

2. Kuzimya terefone cyangwa kuzishyira muri bucece;
3. Gukoresha neza igihe;
4. Kwirinda urusaku;
5. Kwirinda kugendagenda mu cyumba cy'amahugurwa;
6. Kudasohoka buri kanya
7. Kugira uruhare mu mahugurwa n'ibindi.

Uhugura akomatanya ibisubizo byabonetse akaba yakongeraho ibindi abona biri ngombwa bitavuzwe.

Gusobanura impamvu y'aya mahugurwa: iminota 20

Uhugura asaba abahugurwa gutanga ibitekerezo ku mahugurwa bakoze mbere ku nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi bagaragaza ibyo bayungukiyemo n'imbogamizi bahuye na zo. Uhugura asaba abahugurwa gusoma intego z'aya mahugurwa.

Umwanzuro

Uhugura yanzura abwira abahugurwa ibyiza byo gutanga ikaze no kubaza ibyo biteze ku byo bagiye gukora haba mu mahugurwa cyangwa mu ishuri cyane cyane igihe abantu bahuye bwa mbere.

Ubutumwa bw'ingenzi:

a. Akamaro ko kumenyana no kumva ibyifuzo by'abanyeshuri

Ni ngombwa cyane ko umwarimu yibwira abanyeshuri, kubaha uburyo bwo kumenyana no kugaragaza ibyifuzo byabo. Ni ngombwa ko umwarimu afatanye n'abanyeshuri bagashyiraho amabwiriza ngenderwaho mu isomo rye. Iyo abanyeshuri bagaragaje ibyo biteze ku isomo mbere y'uko ritangira bituma bagira amatsiko yo kwiga.

b. Kubera iki hateguwe amahugurwa ashingiye ku isomo

Uhugura asobanurira abahugurwa impamvu z'aya mahugurwa.

Mu myaka 3 ishize integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi itangiye gushyirwa mu bikorwa, hariye habaho amahugurwa atandukanye y'abarimu n'abayobozi b'amashuri ariko avuga ku nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi muri rusange. Ariko hakomeje kugaragara icyuho ku bijyanye nokwinjiza mu masomo ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo. Ni yo mpamvu hateguwe amahugurwa y'abarimu yibanda kuri buri somo ukwaryo, by'umwihariko amasomo abazwa mu bizamini bya Leta.

Inyigisho ya 1

Ibibazo abarimu bahura na byo mu myigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza

Intego z'inyigisho:

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora:

Kugaragaza imbogamizi bahura na zo mu myigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda n'uburyo bushobora gukoreshwa mu kuzikemura.

Imfashanyigisho: impapuro zabugenewe zo kwandikaho, marikeri, ubujeni bwo kumanikisha impapuro.

Intangiriro: iminota 5

Uhugura asangiza abahugurwa intego z'inyigisho.

Igikorwa:

Kugaragaza ibibazo abarimu bahura na byo mu myigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda n'uko babikemura: iminota 40

Uhugura ashyira abahugurwa mu matsinda bakitoramo umuyobozi w'itsinda n'umwanditsi, akabaha impapuro zabugenewe zo kwandikaho na marikeri, akabasaba kugaragaza ibibazo bahura na byo mu myigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda n'uko byakemuka. Bagaragaza ibibazo bishingiye ku isomo, ibishingiye ku munyeshuri n'ibishingiye ku mwarimu.

Kumurika ibyavuye mu matsinda

Uhugura asaba buri tsinda kumanika impapuro bakoreyeho ku rukuta no gusangiza abandi ibyo bavugiye mu itsinda ryabo. Uhugura abasaba ko ibyo abandi bavuze batabigarukaho keretse igihe bafite icyo babyongeraho.

Ibibazo abarimu bahura na byo n'uko byakemuka:

Ibibazo	Uko byakemuka
Ibijyanye n'isomo - Ibyigwa byinshi mu gihe gito - Imfashanyigisho zidahagije.	-Ibikorwa bimwe bishobora gutangwa mu mikoro. - Gukoresha imfashanyigisho ziboneka aho ishuri rihereye no gusaba ubuyobozi bw'ishuri kuzongera aho bishoboka (gufotoza impapuro, kugura impapuro zabugenewe...)
Ibishingiye kumunyeshuri - Kutabona ubufasha bukwiye kubera umubare munini w'abanyeshuri; - Ibikoresha bidahagije. - Ivangandimi.	-Gukorera mu matsinda, kwicaza abanyeshuri hakurikijwe uko bashobora gufashanya, kongera ibyumba by'amashuri... - Gushishikariza ababyeyi guha abana babo ibikoresho, gushishikariza abana gufata no gukoresha neza ibikoresho bahabwa ndetse no kubakorera ubuvugizi aho bishoboka. -Gushishikariza abanyeshuri gukoresha Ikinyarwanda ku buryo buboneye no kubakosora igihe cyose bakoze amakosa. - Kuganiriza abanyeshuri n'ababyeyi, kubagira inama no kubakorera ubuvugizi.

- Gusiba, gukererwa no kudakurikira amasomo uko bikwiye.

Ibishingiye ku mwarimu

- Kutamenya neza Ikinyarwanda n'imyigishirize yacyo iboneye.

- Kudakoresha igihe uko bikwiye

- Kwimura abanyeshuri batazi gusoma no kwandika.

- Kudakosora ibyo abanyeshuri bakoze ku gihe ngo bahabwe ubujyanama bukwiye.

- Guhugura abarimu b'Ikinyarwanda no gushyira mu myanya abarimu b'Ikinyarwanda babifitiye ubushobozi.

- Kubahiriza ingengabihe y'amasomo no kubahiriza igihe cyateganyijwe kuri buri mutwe.

- Guha abanyeshuri imyitozo nzamurabushobozi, gutanga imikoro yihariye ku banyeshuri bagaragaza ubushobozi buke no kutimura abanyeshuri bataramenya gusoma no kwandika mu kicio cy'abanyeshuri abanza.

- Gukosora ibyo abanyeshuri bakoze ku gihe no kubaha ubujyanama bukwiye.

Umusozo: iminota 5

Uhugura abwira abahugurwa ko kugira ngo impinduka zigerweho buri wese agomba gukora ibyo asabwa byose mu gihe cyateganyijwe.

Kubera iyo mpamvu, umwarimu agomba gukoresha igihe neza uko bikwiye haba mu gihe cyo gutegura isomo ndetse no mu gihe cyo kuryigisha, hubahirizwa intambwe za buri gice k'isomo nk'uko byateganyijwe mu gitabo cy'umwarimu. Ni ngombwa kandi kumenya ibibazo byihariye bibangamiye abanyeshuri mu myigire yabo no kungurana ibitekerezo n'ababyeyi kugira ngo haboneke ibisubizo birambye.

IBY'INGENZI KU NTEGANYANYIGISHO ISHINGIYE KU BUSHOBOZI

Inyigisho ya 1

Inshamake ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiyeye ku bushobozi

Intego y'inyigisho

Nyuma y'iyi nyigisho, abahugurwa baraba bashobora:

- Gusobanura inshsoza zikoreshwa mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi y'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi;
- Gusobanura intego, amahame n'agaciro by'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi

Imfashanyigisho: Igitabo cy'amahugurwa, Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, Impapuro zabugenewe zo kwandikaho, Agapira ko gukina, Marikeri, Ibitabo by'Ikinyarwanda by'umwarimu n'iby'umunyeshuri mu mashuri abanza, Ubujeni bwo kumanikisha impapuro

Intangiriro: iminota 5

Igikorwa cy'umwinjizo:

Uhugura arasaba abahugurwa kuvuga ibikorwa bitandukanye umwarimu ashobora gukora kugira ngo imyigire n'imyigishirize igende neza.

Bimwe mu bisubizo:

Gutegura amasomo, gutegura imfashanyigisho ziboneye, gukoresha uburyo butuma abanyeshuri bagira uruhare mu isomo, gushimira abanyeshuri uruhare rwabo, gufasha abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kumurika ibyo babonye.

Uhugura ashimira abahugurwa ibisubizo batanze akagerageza kubihuza n'inyigisho igiye gutangwa.

Inyigisho nyirizina: iminota 50

Igikorwa cya 1

Gusobanura inshsoza zikoreshwa mu Nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi (Curriculum Framework pre-primary to upper secondary, 2015, page: 8-9)

Uhugura asaba abahugurwa kuganira babiribabiri uko bumva Integanyanyigisho, ubushobozi n'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi.

Uhugura atumira amatsinda atatu gusangiza abandi ibyo baganiriye bagafatanyaga kubyuzuzwa no kubinoza.

Ubutumwa bw'ingenzi

Integanyanyigisho (Curriculum):

Ni imbumbwe y'imyigire n'imyigishirize itegwanywa na poritiki y'uburezi bw'igihugu bitewe n'aho kifuza kugera, ikaba ikubiyemo ubumenyi, ubumenyi ngiro, ingingo nsanganyamasomo, ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo ndetse n'indangagaciro bigenewe uwiga n'uburyo bigomba kugerwaho.

Ubushobozi:

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bijyanye n'ibyo wize. Bifasha umuntu mu buzima bwa buri munsu gushyira mu bikorwa ibyo yize yifitiye ikizere. (Integanyanyigisho y'ikin yarwanda, Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, 2015, urpapuro rwa 3)

Integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi:

Ni integanyanyigisho yibanda ku kuzamura ubushobozi bw'umunyeshuri kandi ikamufasha gucukumbura ibyo yize abihuza n'ubuzima busanzwe. Integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi ifasha umunyeshuri kwagura ubumenyi yakuye mu ishuri akabwifashisha mu gukemura ibibazo ahura na byo. Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi umwarimu akoresha uburyo buha umunyeshuri uruhare ruhagije mu myigire ye. Ikiba kigamijwe ni ukuzamura ubushobozi bw'umunyeshuri kugera ku kigero kifuzwa, hifashishijwe isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize rikorwa buri gihe mu bikorwa bitandukanye umunyeshuri akora.

Igikorwa cya 2

Gusobanura intego, akamaro n'agaciro by'imyigire n'imyigishirize bishingiye ku bushobozi

Uhugura ashya abahugurwa mu matsinda atatu akabasaba kuganira:

Itsinda rya 1: Kuki tugomba kureka integanyanyigisho ishingiye ku bumenyi tugakoresha integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi?

Itsinda rya 2: Sobanura amahame integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi igendaraho.

Itsinda rya 3: Garagaza agaciro k'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.

Ubutumwa bw'ingenzi:

- i. Impamvu zo kuva ku nteganyanyigisho ishingiye ku bumenyi tujya ku nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi (Curriculum Framework pre-primary to upper secondary, 2015, page: 8-9)**

Hagendewe ku Kerekezo 2020 (Vision 2020), Gahunda y'Imbaturabukungu (EDPRS), ESSP (2013-2018), Gahunda y'imyaka irindwi ya Guverinoma (7YGP) byabaye ngombwa ko Integanyanyigisho y'u Rwanda ivugururwa.

- Kugira ngo ihuzwe n'ikerekezo k'igihugu n'ibikenewe mu ruhande mpuzamahanga.
- Kugira ngo hafungurwe urujya n'uruza rw'abakozi ku isoko ry'umurimo mu karere no ku isi muri rusange.

Ibi bisaba ko Umuryango nyarwanda udashingira ku bumenyi gusa bityo integanyanyigisho nziza ivuguruye ni ijyanye n'iterambere ry'isi inateza imbere ubumenyi ngiro.

Ni yo mpamvu integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi yateguwe, kugira ngo hizerwe ko itanga igisubizo ku byo umunyeshuri akeneye, ibyo umuryango nyarwanda ukeneye ndetse n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo.

ii. Indangagaciro z'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi (Curriculum Framework pre-primary to upper secondary, 2015, page: 17)

- Kutagira ipfunwe no kuba inyangamugayo
- Kwigira
- Ubunyarwanda n'umuco nyarwanda
- Ubutabera
- Kubahana no kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu
- Ubufatanye
- Gukunda umurimo no kuwunoza
- Gukunda igihugu

iii. Amahame y'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi (Curriculum Framework pre-primary to upper secondary, 2015, page: 19-21)

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro kuko buri munyeshuri yiga bitandukanye n' uko undi yiga ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umwarimu akosore imivugire ye, imisomere ye ndetse n' imyandikire ye. Uburyo umwarimu akoresha rero bugomba gutandukana kandi bukorohereza abanyeshuri kugira ngo bose babone ubufasha kandi bagire uruhare mu isomo. Imyigishirize ishingiye ku munyeshuri ntibivuze ko inshingano z'umwarimu ziba zivuyeho ahubwo agomba gufasha no kuyobora umunyeshuri mu myigire ye.

Dore amwe mu mahame integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi igenderaho:

- Gushingira ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize ku munyeshuri.
- Gukoresha uburyo bushingiye ku bushobozi.
- Ubudaheza
- Gukorera mu mucyo no kubahiriza inshingano.
- Gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga.
- Urusobekerane rw'ingingo nsanganyamasomo
- Isuzuma rishingiye ku bushobozi

Umusozo w'inyigisho: iminota 5

Uhugura asoza inyigisho ashimangira akamaro ko gushingira imyigishirize ku mahame y'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.

Inyigisho ya 2

Kongera ubushobozi mu myigire n'imyigishirize mu isomo ry'Ikinyarwanda

Intego z'inyigisho:

Nyuma y'iyi nyigisho, abahugurwa baraba bashobora:

- Gutandukanya ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo;
- Kugaragaza na gusobanura uruhererekane rw'ubushobozi bushingiye ku isomo ry'Ikinyarwanda.

Imfashanyigisho: impapuro nini zagenewe kwandikwaho, marikeri z'amabara atandukanye, ubujeni, Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ibitabo by'Ikinyarwanda by'umwarimu n'iby'umunyeshuri.

Intangiriro: iminota 5

Igikorwa cy'umwinjizo: Isubiramo

Uhugura asaba abahugurwa kwibukiranya babiribabiri igisobanuro cy'ubushobozi hanyuma akabaza amatsinda amwe gusangiza abandi igisobanuro cy'ubushobozi bagafatanyaga kukinoza.

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bijyanye n'ibyo wize.

Uhugura asangiza abahugurwa intego z'iyi nyigisho.

Isomo nyirizina: iminota 50

Igikorwa cya 1

Gutandukanya ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo

Uhugura asaba abahugurwa gukorana babiri babiri bagasoma kandi bakaganira ku nyandiko ivyaga ku bushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo iri muri **(Curriculum Framework pre-primary to upper secondary, 2015, page: 26-31)**, bakifashisha n'integanyanyigisho z'Ikinyarwanda maze bakaza gusangiza abandi ibyo basomye.

Ubutumwa bw'ingenzi

i. Ubushobozi bw'ibanze

Ubushobozi bw'ibanze: ni ubushobozi bw'ingenzi cyane abanyeshuri bakura mu byigwa bya buri munsu. Ubwo bushobozi (ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya) bugenda bugerwaho buhorobuhoro binyuze mu bushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe, buri mwaka w'ishuri ndetse no mu gusozza ikiciro.

Ubushobozi bw'ibanze bwibanzweho hashingiwe ku byifuzo na gahunda by'igihugu nk'uko bigaragara muri gahunda z'iterambere: Gahunda y'Imbaturabukungu (EDPRS), Ikerekezo 2020 (VISION 2020) na Gahunda z'Iterambere z'Ikinyagihumbi (MDGs). Ni muri urwo rwego ubushobozi bw'ibanze buzatezwa imbere mu bana b'Abanyarwanda binyujijwe mu byigwa bitandukanye kuri buri kiciro cy'amasomo.

Ubw'ingenzi mu bushobozi bw'ibanze integanyanyigisho zo mu Rwanda zibandaho ni ububukurikira:

- Gusoma no kwandika (Literacy)
- Kubara (Numeracy)
- Ubumenyi mu gusobanukirwa no gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga (ICT and Digital)
- Competances)
- Ubumenyi mu kwihangira imirimo (Entrepreneurship and business studies)
- Uburere mboneragihugu (Citizenship and National identity)
- Ubumenyi n'ikoranabuhanga (science and technology)

ii. Ubushobozi nsanganyamasomo

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariye n'inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu myitozo inyuranye.

- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo

- *Guhanga udushya*
- *Ubushakashatsi*
- *Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu*
- *Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni*
- *Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.*

Uhugura ashyira abahugurwa mu matsinda atanu, agaha buri tsinda udupapuro dukase turiho ubushobozi n'ibiburanga. Abahugurwa bavangura ubushobozi bw'ibanze n'ubushobazi nsanganyamasomo kandi buri bushobozi bugahuzwa n'ibiburanga.

Ibigaragaza ubu bushobozi:

1^o Gusoma no kwandika:

- Gusoma inyandiko zitandukanye zanditswe mu Kinyarwanda udategwa kandi wihuta.
- Kuvuga neza udategwa kandi wubahiriza amategeko y'imivugire y'amagambo n'ay'imyubakirwe y'interuro.
- Kwandika neza hubahirizwa amategeko y'imyandikire.
- Kumva no gusesengura hagamijwe gusobanukirwa n'ibyanditswe.

2^o Kubara:

- Gukoresha neza ibimenyetso by'ibanze byo mu mibare (guteranya, gukuramo, gukuba, kugabanya no kugereranya)
- Gukoresha imibare, ibimenyetso, ingero n'amashusho y'imbonerahamwe mu gukorara imirimo isaba ibara, gupima no kugereranya.
- Gukoresha imibare mu gukemura ibibazo byo mu buzima busanzwe bisaba ibijyanye n'imibare nko mu bucuruzi no mu bukungu.
- Gusobanukirwa ubumenyi bw'ibanze mu ibarurishamibare hifashishijwe imbonerahamwe n'ibishushanyo.

3^o Ubushobozi bwo gusobanukirwa no gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga

- Kujoyana no kuvana, kubika no gusobanukirwa amakuru n'ubumenyi bikusanyijwe ahantu hatandukanye;
- Gushungura, kubika no guhanahana amakuru binyuze kuri murandasi cyangwa kuri telefoni ngendanywa;
- Guhererekanya amafaranga no kwidagadura hifashishijwe telefoni na murandasi;
- Kwifashisha mudasobwa mu kwandika, kubika no guhanahana amakuru;
- Kwifashisha ibikoresho by'ikoranabuhanga mu kwiyungura ubumenyi mu buzima bwa buri muni.

4^o Uburere mboneragihugu:

- Guhuza amateka y'igihugu n'igihe tugezemo
- Gusobanukirwa imvano y'imibereho y'abanyarwanda n'imibanire n'andi mahanga
- Kubaha imigenzo gakondo no gusobanukirwa akamaro k'ururimi kavukire mu mibereho n'imibanire by'Abanyarwanda
- Gusigasira no kurinda umurage n'amateka, umuco n'ahantu nyaburanga.
- Kugira ishyamba n'umuco byo gukunda igihugu no kutagira ipfunwe ryo kubigaragaza aho ariho hose
- Guharanira ko igihugu kigira umutuzo n'ubwumvikane ndetse no gukorana n'abandi mudahuje ubwengegihugu.

5^o Ubushobozi mu kwihangira imirimo:

- Kugira imiganzereze n'ubukeshya mu kwihangira imirimo hagamijwe guhangana

n'ibibazo no kubyaza amahirwe ibiboneka aho dutuye haba mu myigire no mu buzima busazwe

- Gusobanukirwa inshingano z'impande zombi z'irebwa n'akazi (umukozi n'umukoresha)
- Gutegura no kuyobora imishinga minini, imito n'iciriritse
- Guhanga imirimo no kubika neza ibitabo by'ibaruramari
- Kwiga gucunga no kwirengera ibihombo mu bucuruzi
- Kwiga no gusesengura ibikenewe ngo utangire ubucuruzi.

6^o Ubumenyi n'ikoranabuhanga:

- Kwifashisha ubumenyi n'ikoranabuhanga mu gukemura ibibazo bya buri muni.
- Kugira amatsiko no guhora ushakashaka ubumenyi ku mahange no ku bintu kamere biba mu isanzure
- Gutekereza neza bya gihanga usesengura no gufata imyanzuro mu buryo bw'inyurabwenge
- Gukoresha ibikoresho by'ubushakashatsi bitandukanye by'ubumenyi n'ikoranabuhanga no gukora ubushakashatsi buboneye mu by'ubumenyi.

Ibigaragaza ubushobozi nsanganyamasomo:

Ubushobozi nsanganyamasomo bw'ingenzi abarimu bagomba kwitaho mu myigire n'imyigishirize, busobanuye ku buryo bukurikira:

- ***Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:***

Ubu bushobozi bufasha umunyeshuri gutekereza ahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri muni.

Bugaragara cyane mu bibazo byo gusesengura inkuru ku buryo bwimbitse no guhuza inkuru n'ubuzima bwe bwa buri muni. Ibi bibazo biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse kugira ngo akemure ikibazo ahuye na cyo yifashishije ibyo yize.

- ***Guhanga udushya:***

Ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku byo azi, maze agahanga ibintu bishya.

Bugaragara mu myitozo inyuranye nk'aho dusaba umunyeshuri gushushanya igice k' inkuru runaka.

- ***Ubushakashatsi:***

Ubu bushobozi bufasha umunyeshuri gukemura ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.

Bugaragara cyane mu mikoro duha abanyeshuri aho tubasaba gukomereza imyitozo mu rugo no kubaza abo babana kugira ibindi babungura bijyanye n'isomo.

- ***Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu:***

Ubu bushobozi bufasha abanyeshuri gusabana n'abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n'amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.

Bugaragara mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'umutwe. bugaragara mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'umutwe.

- ***Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni:***

Ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gukorana n'abandi mu matsinda, mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n'imyitwarire n'indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n'imyitwarire binyuranye n'ibyabo. Ibi bifasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n'ubw'umuryango bita ku isuku n'imirire iboneye kandi na none bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.

Bigaragarira cyane mu myitozo yo gukorera mu matsinda afatanya na bagenzi be. Umwarimu rero arasabwa gutsindagira ubwo bushobozi igihe akoresha iyo myitozo.

- ***Kwiga no guhora ziyungura ubumenyi:***

Kunguka ubu bushobozi bifasha abanyeshuri kujyana n'igihe biyungura ubumenyi n'ubumenyi ngiro batarinze gufashwa muri byose. Bibafasha kandi kujyana n'iterambere bibanda ku bumenyi n'ubumenyi ngiro bikenewe.

Bugaragara cyane mu mikoro duha abanyeshuri aho tubasaba gukomereza imyitozo mu rugo no kubaza abo babana kugira ibindi babungura bijyanye n'isomo. Mwarimu rero agomba gukora uko ashoboye agaha abanyeshuri imyitozo n'imikoro itandukanye ituma abanyeshuri bagera kuri ubu bushobozi.

Igikorwa cya 2

Kugaragaza no gusobanura uruhererekane rw'ubushobozi bushingiye ku isomo ry'Ikinyarwanda bugaragara mu nteganyanyigisho.

Uhugura asaba abahugurwa gushaka mu nteganyanyigisho z'Ikinyarwanda ubushobozi butandukanye bushingiye ku isomo ry'Ikinyarwanda bugaragaramo.

Uhugura agendagenda mu cyumba cy'amahugurwa areba ko abahugurwa bakora neza ibyo basabwe kandi atanga ubufasha aho bukenewe. Hanyuma agasaba abahagarariye amatsinda kumurikira bagenzi babo ibyo bagezeho bagafatanya kubinoza no kubyuzuzza.

Umutumwa bw'ingenzi

Ubushobozi bushingiye ku isomo ry'Ikinyarwanda : **(Ref; school based continuous professional development manual phase 1: 2017 page 143)**

1^o Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'Ikinyarwanda nyuma y'ikiciro: Ubu bushobozi bujyanye n'ikiciro cy'amashuri. Integanyanyigisho iteganya ubushobozi rusange bugomba kugerwaho nyuma y'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza ndetse n'ubugamijwe kugerwaho nyuma y'ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza mu isomo ry'Ikinyarwanda.

2^o Ubushobozi bugamijwe nyuma ya buri mwaka Integanyanyigisho iteganya kuriburi mwaka ubushobozi bugamijwe umunyeshuri agomba kugeraho umwaka wose urangiye.

3^o Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe Buri mutwe ugira ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe umutwe wose umaze kwigwa ari na bwo bushingirwaho mu isuzuma risoza umutwe.

4^o Intego zijyanye n'ibyigwa bya buri mutwe: ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya Kugira ngo ubushobozi mbumbe bw'umutwe bugerweho hari intego z'ubumenyi, iz'ubumenyi ngiro n'iz'ubukeshya zifasha umwarimu gutegura no gutanga isomo rye ashingiye ku byigwa binyuranye bikubiye mu mutwe. Zigaragara mu nteganyanyigisho umwarimu akagenda azihuza n'ibyigwa binyuranye biri mu mutwe runaka mu gihe akora intego ngenamukoro.

Ikitonderwa:

Nyuma y'ubu bushobozi bugaragara mu nteganyanyigisho, hari ubushobozi bagaragara mu ntego ngenamukoro umwarimu akora kuri buri somu umunyeshuri agomba kuba ashobora gukora nyuma y'isomo runaka.

Igishunyo gikurikira kerekana uruhererekane rw'ubushobozi bushingiye ku isomo

Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'Ikinyarwanda nyuma y'ikicro



Ubushobozi bugamijwe nyuma ya buri mwaka



Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe



Intego zijyanye n'ibygwa bya buri mutwe: ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya



Intego ngenamukoro

Urugero

Kuvuga ashize amanga atanga ibitekerezo bye bwite, atanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezoby'abandi (Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda (2015), Ikicro cya kabiri cy'amashuri abanza, urupapuro 4, akanyerezo ka kabiri)



Kumvikanisha mu ruhamwe igitekerezo ke (Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda (2015), Ikicro cya kabiri cy'amashuri abanza, urupapuro 51, akanyerezo ka kabiri)



Gutegura ibiganiro mpaka no kubiyobora (Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda (2015), Ikicro cya kabiri cy'amashuri abanza, Umutwe wa 4, urupapuro 62, Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: akanyerezo ka kabiri)



Gutanga ibitekerezo mu buryo buboneye ajya impaka zubaka (Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda 2015, Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, urupapuro 63, Intego y'ubumenyi ngiro: akanyerezo ka kabiri)



Intego ngenamuko: Ahereye ku nsanganyamatsiko “Abana b’abahungu n’ab’abakobwa bagomba gukora kimwe imirimo yose yo mu rugo ntawuvugana ngo: umurimo uyu n’uyu wahariwe umukobwa cyangwa umuhungu” buri munyeshuri araba ashobora gutanga ibitekarazo mu kiganiro mpaka bishyigikira cyangwa bivuguraza insanganyamatsiko, adasesereza bagenzi be. (REB (2019): Ikinyarwanda Umwaka wa 6, Igitabo cy’umunyeshuri urup. 121; REB (2019), Ikinyarwanda Umwaka wa 6: Igitabo cy’umwarimu, urupapuro 158)

Umusozo: iminota 5

Uhugura asaba abahugurwa kwibukiranya ibyo bungukiye muri iyi nyigisho. Uhugura abafasha kubinoza ashimangira uko intego zishingiye ku isomo zigenda zuzuzanya.

Inyigisho ya 3

Itandukaniro hagati y’imyigire n’imyigishirize ishingiyeye ku bumenyi n’ishingiye ku bushobozi

Intego z’iyi nyigisho

Nyuma y’iyi nyigisho, abitabiriye amahugurwa baraba bashobora:

- Gutandukanya integanyanyigisho ishingiyeye ku bumenyi n’ishingiye ku bushobozi;
- Kugaragaza akamaro k’integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi mu myigire n’imyigishirize no gukoresha uburyo bw’imyigire n’imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi mu bikorwa by’imyigire n’imyigishirize.

Imfashanyigisho: Impapuro zabugenewe, marikeri, ingwa, integanyanyigisho y’Ikinyarwanda, impapuro zisanzwe, ikibaho.

Intangiriro: iminota 5

Uhugura asaba bahugurwa gutanga ibitekerezo ku buryo butandukanye bukoreshwa mu myigishirize ishingiyeye ku bushobozi.

Ibisubizo byitezwe

- *Gukoresha amatsinda*
- *Gukora ingendo shuri*
- *Gukina bigana*
- *Gukora inyigo ku kintu runaka*
- *Kwiga umushinga*
- *Gutanga ibitekerezo ku ngingo yatanzwe*
- *Gukora ubushakashatsi...*

Uhugura asangiza abahugurwa intego z’inyigisho.

Inyigisho nyirizina: iminota 50

Igikorwa cya 1

Itandukaniro hagati y'integanyanyigisho ishingiye ku bumenyi n'ishingiye ku bushobozi

Uhugura asaba abahugurwa kuganira ku itandukaniro riri hagati y'uburyo bw'imyigire n'imyigishirize bushingiye ku bumenyi n'ubushingiye ku bushobozi mu matsinda. Areba ko bikorwa neza byaba ngombwa agatanga inyunganizi.

Ubutumwa bw'ingenzi

(Teacher Training Manual on the roll out on the competence based curriculum, 2015, page 3-4):

<i>Imyigishirize ishingiye ku bushobozi</i>	<i>Imyigishirize ishingiye ku bumenyi</i>
<p><i>Ubu buryo bwibanda cyane ku byo umunyeshuri ashobora gukora mu buryo bunyuranye azamurira ireme ry'ubushobozi, ubukeshya n'indangagaciro hamwe n'ubumenyi ngiro rusange.</i></p>	<p><i>Ubu buryo bwibanda cyane ku byateguwe mu bitabo hatitawe ku byo umunyeshuri ashobora gukora</i></p>
<p><i>Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize bishingira ku munyeshuri. Aha ho umunyeshuri agira uruhare runini mu bikorwa bimugomba.</i></p>	<p><i>Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize bishingira kuri mwarimu kuruta umunyeshuri, aho umunyeshuri agira uruhare ruto cyane mu bimukorerwa.</i></p>
<p><i>Umunyeshuri yubakira ubumenyi bwe bushya ku byo yize mbere agerageza kuvumbura no gukemura ibibazo bye ndetse n'iby'abandi bishingiye ku myigire.</i></p>	<p><i>Umwari mu atanga ibigomba kwigishwa yandika cyangwa abisoma, ntahe umwanya uhagije abanyeshuri wo kwikorera ubushakashatsi.</i></p>
<p><i>Imyigire n'imyigishirize bikorwa hifashishijwe ubushobozi butangwa mu gihe gikwiye, mu kigwa giteganyijwe.</i></p>	<p><i>Umwari mu ategura amasomo atitaye ku byifuzo n'inyungu z'abanyeshuri. Umunyeshuri agira uruhare mu mitegurire y'ibyo agomba kwigishwa.</i></p>
<p><i>Isuzuma rihoraho rigira uruhare mu ruhererekane rw'imyigire n'imyigishirize binyuze mu buryo busanzwe cyangwa budasanze.</i></p>	<p><i>Isuzuma rikorwa nyuma y'igihe runaka binyuze mu buryo bw'isuzuma rusange cyangwa ibizamini byanditse.</i></p>
<p><i>Isuzuma rikorwa hagamijwe kugaragaza ko intego z'isomo zagezweho no kureba ikigero cy'ubushobozi bw'umunyeshuri, hakaba hanategurwa imyitozo nzamura bushobozi bibaye ngombwa.</i></p>	<p><i>Isuzuma rikorwa hagamijwe gushyira abanyeshuri mu byiciro cyangwa mu myanya.</i></p>

Amanota ajyana n'isesengura ryimbitse ku bushobozi bw'umunyeshuri kugira ngo abe yategurirwa ubundi bufasha bwa ngombwa binyuze mu myitozo nzamurabushobozi.

Amanota agamije gutondeka abanyeshuri hashingiwe ku ngano yayo, hatitawe ku bindi bashobora gukora.

Igikorwa cya 2

Kugaragaza akamaro k'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi mu myigire n'imyigishirize no gukoresha uburyo bw'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi mu bikorwa.

Uhugura asaba abahugurwa gutekereza ku kamaro k'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi hanyuma abyandike narangiza abisangize mugenzi we umwegereye nibarangiza buri wese avuge ibyo mugenziwe yamusangije.

Ubutumwa bw'ingenzi

- *Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi yashyiriweho gufasha abanyeshuri kugira ubumenyi bwo mu ishuri no kubushyira mu ngiro ikamufasha guhora yiyungura ubumenyi bukenewe, mu mirimo akora no mu buzima busanzwe.*
- *Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi ifasha kumenya ubudasa bw'abanyeshuri igafasha umwarimu kubafasha akurikije ibyo buri wese akeneye.*
- *Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi yita cyane ku byo umunyeshuri akeneye n'ibimushishikaje.*
- *Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi ifasha umunyeshuriri kwagura ibitekerezo no guhanga udushya.*
- *Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi ifasha guteza imitekerereze yo ku ntera zo hejuru.*
- *Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi yibanda ku byo umunyeshuri yiga aho kwibanda ku gihe amara mu ishuri.*
- *Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi izamura uruhare rw'umunyeshuri kuko kwiga babigira ibyabo bumvako aribo bifitiye akamaro.*
- *Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi ifasha abanyeshuri kugaragaza ubumenyi ngiro n'ibindi bimenyetso bifatika bigaragaza ko bashoboye bitandukanye no kumenya ibinyu mu magambo gusa.*

Gukoresha integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi mu myigire n'imyigishirize (TTC orientation manual, 2019, page 20)

Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi yashyirwa ite mu bikorwa:

Ubushobozi bugerwaho nyuma y'igihe binyuze bikorwa binyuranye by'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi. Ni gake cyane ubushobozi bushobora kugerwaho binyuze mu gikorwa kimwe. Ubushobozini uruhurirane rw'ibintu byinshi kandi by'indatana.

Abanyeshuri bakeneye guhabwa imikoro ngiro, bagahabwa urusobe rw'imyitozo ijyanye n'ubuzima ituma bagenda bashyira mu bikorwa ibyo bize. Umwarimu rero agomba gukoresha uburyo buha abanyeshuri uruhare, agateganya ibikorwa bisaba abanyeshuri gutekereza cyane mu gihe ategura amasomo ye, bituma bakora ubushakashatsi, bagakemura ibibazo,

bagahanga udushya, bagasabana kandi bakageza ku bandi ibyo bagezeho. Gushyira mu bikorwa ubushobozi bisaba abarimu gukoresha uburyo bushishikariza kandi bufasha abanyeshuri kugira ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya, bataretse n'ubushobozi nsanganyamasomo binyuze mu myigire bagizemo uruhare.

Umusozo (iminota 5)

Uhugura akora inshamake ashishikariza abitabiriye amahugurwa gukoresha uburyo bw'imyigire n'imyigishirize biha abanyeshuri uruhare rutuma agira ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya Umunyarwanda akeneye muri iki gihe no mugihe kizaza.

Inyigisho ya 4

Kwita ku ngingo nsanganyamasomo mu isomo ry'Ikinyarwanda

Intego z'inyigisho:

Nyuma y'inyigisho, abitabiriye amahugurwa baraba bashobora:

- Kumva no gusonukirwa ingingo nsanganyamasomo;
- Kuvuga akamaro k'ingingo nsanganyamasomo.

Imfashanyigisho: igitabo cy'uhugura, integanyanyigisho, impapuro zabugenewe, marikeri, amakayi, ubujeni, impapuro (A4)

Intangiriro: iminota 5

Igikorwa cy'umwinjizo

Uhugura asaba abahugurwa kuririmba akaririmbo gakurikira

Akaririmbo:

*Mbe kanyamanza keza ko mbona wishimye
Ni iki cyabiguteye ngo natwe tugufashe,
Erega ni ko mpora mwa banyeshuri mwe
Iyo mbona mukina numva nabakinamo,
Ujye uza twikinire ntabwo bibujijwe
Wenda wazatwigisha kuguruka nkawe.*

Nyuma y'ako karirimbo, uhugura abaza abahugurwa insanganyamatsiko zigakubiyemo.

Ibisubizo bishoboka:

- Ubufatanye
- Ubucuti
- Imikino

Uhugura abaza abahugurwa akamaro ko gushyira ingingo nk'izo mu isomo ry'Ikinyarwanda.

Ibisubizo bishoboka:

- Kungura abanyeshuri ubumenyi mu by'ubukeshya;
- Kwereka abanyeshuri uko bakwikemurira ibibazo;
- Gutoza abanyeshuri umuco wo gufatanya n'abandi mu gukemura ibibazo

Uhugura abwira abahugurwa ko bagiye kuganira ku ngingo nsanganyamasomo mu isomo ry'Ikinyarwanda.

Uhugura amanika ku rukuta urupapuro rwanditseho intego z'inyigisho bagiye kwiga, agahamagara umwe mu bahugurwa kuza kuzisoma.

Inyigisho nyirizina: iminota 50

Igikorwa cya 1

Kugaragaza no gusobanura ingingo nsanganyamasomo

- a. Uhugura asaba bahugurwa gutanga igisobanuro k'ingingo nsanganyamasomo.
- b. Uhugura aha abahugurwa udupapuro dukase turiho ingingo nsanganyamasomo, utundi turiho ibisobanuro byazo bakabihuza.

Ingingo nsanganyamasomo:

(Curriculum Framework pre-primary to upper secondary, 2015, page: 21-24)

Ni ibyigwa umunyeshuri agomba kumenya kuko ari ibibazo byugarije isi, akarere n'u Rwanda by'umwihariko, ariko bidafite isomo iri n'iri bishingiyeho, ahubwo bikaba bigomba kunyuzwa mu masomo yose, abarimu bakabiganiriza abanyeshuri.

Ingingo nsanganyamasomo n'ibiziranga:

a. Uburinganire n'ubwuzuzanye:

Iyi ingingo nsanganyamasomo ishobora kugaragarira mu bivugwa mu myandiko, ku mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi.

b. Kubungabunga ibidukikije:

Iyi ingingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko, batoza abanyeshuri kwita ku bidukikije.

c. Umuco w'ubuziranenge:

Iyi ingingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko batoza abanyeshuri gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge.

d. Uburezi budaheza:

Iyi ingingo nsanganyamasomo ishobora kugaragarira mu bivugwa mu myandiko, ku mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita kuri buri mu nyeshuri wese.

e. Ubumenyi kuri Jenocide:

Iyi ingingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko basobanurira abanyeshuri ububi bwa Jenocide n'ingengabitekerezo yayo.

f. Umuco wo kuzigama:

Iyi ingingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko bashishikariza abanyeshuri kwizigamira.

g. Umuco w'amahoro n'indangagaciro:

Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko batoza abanyeshuri kubana neza mu mahoro no kurangwa n'indangagaciro nyarwanda.

h. Ubuzima bw'imyorokere:

Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko batoza abanyeshuri impinduka z'imibiri yabo n'imyifatire igomba kubaranga.

Igikorwa cya 2

Gusobanura umumaro wo gukoresha ingingo nsanganyamasomo

Uhugura akoresha umukino wo gutekereza kwandika no gusangiza abandi hanyuma abahugurwa bakagaragaza akamaro ko gukoresha ingingo nsanganyamasomo mu isomero ry'Ikinyarwanda.

Zifasha abanyeshuri kwagura ubumenyi aho guhera ku bumenyi bukubiye mu masomo gusa, ahubwo zikabafasha no kumenya uko bitwara mu buzima no kurangwa n'indagagaciro zibereye umuntu ushyira mu gaciro.

Umusozo: iminota 5

Mu buryo bw'agakino, uhugura yandika ingingo nsanganyamasomo ku dupapuro tumwe, utundi akatwandikaho igisobanuro n'akamaro, aduhereza abahugurwa mu matsinda akabasaba guhuza izo ngero n'ingingo nsanganyamasomo bijyanye.

Muri buri tsinda bahuza ingingo nsanganyamasomo n'ingero zatanzwe, hanyuma bakajya kubyomeka ku mpapuro nini zimanitse ku rukuta rw'icyumba cy'amahugurwa bifashishije ubujeni.

Inyigisho ya 5

Imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri mu kuzamura ubushobozi

Intego y'inyigisho:

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora:

- Kugereranya imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri n'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi mu nteganyaigisho ishingiyeye ku bushobozi
- Gukoresha imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri mu kuzamura ubushobozi bw'umunyeshuri.

Imfashanyigisho: integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, igitabo cy'amahugurwa, impapuro zabugenewe zo kwandikaho, marikeri

Intangiriro: iminota 5

Igikorwa cy'umwinjizo:

Uhugura abwira abahugurwa inkuru ikurikira yarangiza akababazaho ibibazo:

Umwarimu Mukunzi yigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa kane w'amashuri abanza. Mu cyumweru gishize yigishije inteko z'amazina. Yinjiye mu ishuri abwira abanyeshuri urutonde rw'inteko z'amazina anatanga urugero rw'izina kuri buri nteko. Hanyuma abafatisha mu mutwe urutonde rw'indanganteko. Hashize iminsi ibiri akoresha isuzuma, asaba abanyeshuri gutanga ingero z'amazina muri buri nteko kandi zitananzwe mu ishuri. Atungurwa n'uko umubare munini w'abanyeshuri batabashije gutanga urugero.

Ni izihe mpamvu zatumye aba banyeshuri batsindwa ?

- Uburyo isomo ryigishijwemo ntibwahaye abanyeshuri umwanya wo kumva, gusesengura no gutanga ingero ngo basobanukirwe uko amazina aba mu nteko zitandukanye, ngo bamenye uturango tw'amazina ahuriye mu nteko imwe.
- Abanyeshuri bafashe buhumyi ibyo umwarimu ababwiye batabyumva.

Iyo umunyeshuri agize uruhare mu isomo bimufasha iki?

- Bimufasha gusobanukirwa, kuko iyo hari ibyo atumva arabisobanuza, akitangira ingero yatekerejeho kandi aho ajijinganya akunganirwa.

Uhugura abwira abahugurwa ko bagiye kuganira ku myigire n'imyigishirize bishingiye ku munyeshuri.

Uhugura amanika ku rukuta urupapuro rwanditseho intego z'inyigisho bagiye kwiga, agahamagara umwe mu bahugurwa kuza kuzisoma.

Inyigisho nyirizina:

Igikorwa cya 1

Imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri n'ishingiye ku bushobozi (Curriculum Framework pre-primary to upper secondary, 2015, page: 18-20)

- a. Uhugura ashyira abahugurwa mu matsinda, akabasaba kugereranya imyigire n'imyigishirize bishingiye ku munyeshuri n'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku mwarimu bagendeye ku bikorwa byabo bya buri muni.

Ibisubizo byitezwe

Imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri n'imyigishirize ishingiyeye ku mwarimu

<i>Imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri</i>	<i>Imyigishirize ishingiyeye ku Mwarimu</i>
<i>- Umwarimu ashishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu isomo;</i>	<i>- Umwarimu akora nk'ubwiriza, abanyeshuri bagatega amatwi gusa;</i>
<i>- Umwarimu ahuza isomo n'ibyo abanyeshuri bakeneye;</i>	<i>- Ibyo umwarimu yigisha bihora ari bimwe ntibihinduka;</i>
<i>- Abanyeshuri bahabwa uburyo bunyuranye bwo gukorana hagati yabo ndetse n'ubwo gukorana n'umwarimu;</i>	<i>- Abanyeshuri bavuga ari uko babisabwe n'umwarimu gusa, gukorana na bagenzi babo biba bibujijwe;</i>
<i>- Abanyeshuri basabwa kuvuga uko babona ibintu ndetse bashobora no gufata imyanzuro ikemerwa mu gihe iboneye. Nta gisubizo kiri kamara, ibisubizo bishobora kwemerwa ari byinshi ;</i>	<i>- Abanyeshuri bemerwa ni abasubiramo ibintu uko biri mu bitabo cyangwa uko byavuzwe n'umwarimu ;</i>
<i>- Abanyeshuri batozwa kwiyobora mu bikorwa byabo by'imyigire no gusobanuza aho bagize imbogamizi.</i>	<i>- Umwarimu ni we utanga amabwiriza y'ibigomba gukorwa kandi akayobora ibikorwa byose.</i>
<i>- Abanyeshuri bashishikarira kwiga kuko bagira uruhare mummyigire yabo.</i>	<i>- Abanyeshuri bararangara bakanarambirwa kubera guhora mu bintu bimwe.</i>

- b. Uhugura asaba abahugurwa kuganira babiribabiri bagereranya imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri n'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi.

Imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri iteza imbere ubushobozi bwe kuko iyo umunyeshuri agira uruhare mu isomo yunguka byinshi.

Ingero:

- Iyo umunyeshuri asabwe kugereranya ibintu ateza imbere ubushobozi bwo gushishoza.
- Iyo umunyeshuri asabwe guhuza ibyo yize n'ubuzima busanzwe ateza imbere ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo.
- Iyo umunyeshuri akorana n'abandi mu matsinda, ateza imbere ubushobozi bwo gusabana n'ubufatanye n'abandi.
- Iyo umunyeshuri ahawe imikoro akorera mu rugo, azamura ubushobozi bwo kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.
- Iyo umunyeshuri ahawe imyitoto yo guhanga ku nsanganyamatsiko iyi n'iyi bimufasha guteza imbere ubushobozi bwo guhanga udushya n'ubwo gukora ubushakashatsi.

Ubutumwa

Imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri ni uburyo bushingira ku byo umunyeshuri akeneye, bimushishikaje, hagendeweke byo yabayemo, bugashishikariza umunyeshuri kugira uruhare mu byo yiga.

Igikorwa cya 2

Gutahura uburyo bw'imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri bwakoreshwa mu kuzamura ubushobozi bwe

Uhugura asaba abahugurwa kuganira mu matsinda uburyo bunyuranye bushingiyeye ku munyeshuri bukoreshwa mu kuzamura abushobozi bw'abanyeshuri.

Ibisubizo byitezwe

- *Amatsinda*
- *Gusesengura ingero*
- *Gutanga ibitekerezo*
- *Babiribabiri*
- *Buri wese ku giti ke (Teacher Training Manual on the roll out on the competence based curriculum, 2015, pages 31-37)*

Ubu buryo butandukanye bufasha abanyeshuri kugira uruhare mu isomo bityo bakazamura ubushobozi bwabo bunyuranye.

Inyigisho ya 1

Impamvu zo kwigisha no kwiga Ikinyarwanda mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi

(Curriculum Framework pre-primary to upper secondary, 2015, page: 54-55)

Intego z'inyigisho

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora :

- Kugaragaza akamaro ko kwiga no kwigisha Ikinyarwanda
- Kugaragaza isano iri hagati y'Ikinyarwanda n'umuryango nyarwanda.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'amahugurwa, impapuro zabugenewe zo kwandikaho, marikeri, ubujeni, ibitabo by'umunyeshuri

Intangiriro Iminota 5

Igikorwa cy'umwinjizo

Uhugura arabwira abahugurwa agakuru gakurikira hanyuma ababazeho ibibazo:

Gahire yatekerezaga ko kugira ngo umwana we azabe umuhanga, agomba kujya kwiga amashuri y'inshuke ndetse n'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza mu gihugu kivuga icyongereza; hanyuma akabona kuza kwiga mu Rwanda ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, yemeza kandi arusha abandi banyeshuri bigana. Umwana agize imyaka itatu yaramujyanye, nyuma y'igihe aragaruka ariko imyigire iramugora cyane biba ngombwa ko bamusubiza mu mwaka wa kabiri aho gukomeza mu mwaka wa kane kuko yagaragazaga ubushobozi buri hasi cyane mu maso ye.

Murakeka ko uwo mwana yagize ibihebibazo bituma agaragaza ubushobozi buke?

Umwana yagize ikibazocyokujya kwiga mu rundi rurimi ataramenya neza ubumenyibw'ibanze mu rurimi rwe kavukire kuko ari rwo rwa mbere umuntu atekerezamo, akanarusobanuramo imbamutima ze. Kurugarukamo rero byaramugoye asa n'uwongeye gutangirira kuri zeru.

Inyigisho nyirizina: Iminota 30

Igikorwa cya 1

Gusobanura impamvu yo kwiga no kwigisha Ikinyarwanda

Uhugura asaba abahugurwa kugaragaza akamaro ko kwiga no kwigisha Ikinyarwanda.

Ubutumwa bw'ingenzi

Ikinyarwanda abakiga kugira ubushobozi bw'ibanze mu rurimi bw'ururimi: kumva, kuvuga, gusoma no kwandika.

Ikinyarwanda gifasha umunyeshuri:

- *Gutanga ubutumwa mu buzima bwabo bwaburi munsu binyuze mu mvugo no munyandiko mururimi rwabo kavukire, bakoresheje inyunguramagambo iboneye, n'ikibonezamvugo kijyanye n'ikigero cyabo.*
- *Gutegamatwi no gusesengura ubutumwa butanzwe mu Kinyarwanda.*
- *Gusoma no gusobanukirwa inyandiko zitandukanye zanditswe mu Kinyarwanda.*
- *Kuigeza ku bandi amakuru, ibitekerezo ndetse n'imbamutima zabo.*
- *Gusoma adategwa ashaka gusobanukirwa cyangwa yishimisha, agasubiza ibibazo byoroheje cyangwa bikomeye kandi yubahiriza amabwiriza;*
- *Kwandika amagambo n'interuro uko bikwiye mu cyapa no mu mukono, mu nyuguti nto n'inkuru;*
- *Gusobanura imiterere y'amagambo anyuranye ndetse n'imyandiko itandukanye. Ikinyarwanda kandi ni cyo kibumbatiye umuco w'Abanyarwanda, indangagaciro n'imitekererze byabo.*

Igikorwa cya 2

Kugaragaza isano iri hagati y'Ikinyarwanda n'umuryango nyarwanda

Uhugura asaba abahugurwa kwifashisha integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza bakagaragaza akamaro ko kwiga no kwigisha ikinyarwanda ku muryango nyarwanda no ku munyeshuri.

Ubutumwa bw'ingenzi

Akamaro k'Ikinyarwanda ku muryango nyarwanda

Ikinyarwanda ni ururimi kavukire ruhuza Abanyarwanda bose; gifite umwanya ukomeye mu mibereho yabo ya buri munsu, kuko kibumbatiye umuco w'Abanyarwanda, kigakoreshwa mu nzego zose z'ubutegetsi, iz'imirimo, ndetse kikigishwa, kikanigishwamo andi masomo mu mashuri y'inshuke n'ikigero cya mbere cy'amashuri abanza. Ni ururimi ruha Abanyarwanda ubushobozi bw'ibanze bwo gutekereza no kuranga isi; rubafasha kugaragaza imbamutima zabo, bagashyikirana, bakanungurana ibitekerezo mu mvugo no munyandiko.

Ikinyarwanda n'umunyeshuri

Mu kwiga no kwigisha Ikinyarwanda hibandwa ku bushobozi bwo kuvuga, kumva, gusoma no kwandika ndetse no ku bumenyi rusange bw'ururimi. icyakora mu kwiga no kwigisha Ikinyarwanda ni ngombwa guhuriza hamwe ubu bushobozi bwose.

Nubwo umunyeshuri aba yumva kandi akavuga Ikinyarwanda, imvugo ye iba ikeneye gukosorwa buhorobuhoro ndetse no gukungahazwa kugira ngo akure arushaho kwisanzura mu rurimi rwe. Abanyeshuri basabwa gukora imyitoto inyuranye yo gusoma no kwandika kandi bakitoza gusesengura no uhimba imyandiko bahereye ku ngero bize. Umwarimu yerekera abanyeshuri, akabayobora, akabatera inkunga, akabakosora kugira ngo batunganye interuro zabo, bamenyere kwitegereza no kwigana.

Intego z'inyigisho

Nyuma y'iyi nyigisho, abahugurwa baraba bashobora:

- Kugaragaza ibice bigize integanyanyigisho;
- Gusesengura ibyigwa biri mu nteganyanyigisho hagendewe kuri buri mutwe

Imfashanyigisho: integanyanyigisho y'ibyiciro byombi, impapuro nini zo kwandikaho, marikeri, ingwa n'ikibaho, igitabo cy'umunyeshuri k'Ikinyarwanda n'icya mwarimu.

Intangiriro: Iminota 5**Igikorwa cy'umwinjizo:**

Uhugura asaba abahugurwa mu matsinda ya babiribabiri kugaragaza amoko y'ibitabo bitandukanye umwarimu yifashisha kugira ngo isomo r'Ikinyarwanda rigende neza.

Ibisubizo byitezwe :

Kugira ngo isomo ry'Ikinyarwanda rigende neza, umwarimu agomba kuba afite ibidanago bikurikira :

- Integanyanyigisho ;
- Igitabo cy'umwarimu ;
- Igitabo cy'umunyeshuri ;
- Ibindi bitabo.

Uhugura asangiza abahugurwa intego z'inyigisho ikurikiyeho.

Inyigisho nyirizina: Iminota 60**Igikorwa cya 1****Kugaragaza ibice bigize integanyanyigisho y'Ikinyarwanda**

Uhugura ashyira abahugurwa mu matsinda ya batanubatanu, agaha buri tsinda integanyanyigisho y'Ikinyarwanda akabasaba kugaragaza ibice biyigize. (*Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, 2015; Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, 2015*)

Ibisubizo bishoboka:

Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza igizwe na:

Ibisubizo byitezwe:**1. Intangiriro**

Intangiriro yibanda ku mumaro wo kwiga Ikinyarwanda nk'igikoresho cy'ubwumvane, ubushakashatsi n'ururimi kavukire. Iki gice kandi gisonurirwamo ubushobozi umunyeshuri agomba kuzamura mu mikoreshereze y'ururimi.

2. Imbonezamasomo

Inzira mbonezamasomo zigaragaza uruhare rwa mwarimu n'urw'umunyeshuri mu myigire n'imyigishirize mu burezi budaheza.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, umwarimu akora mu buryo bwo gufasha umunyeshuri gushyika ku byo yifuza kugeraho mu buzima, bikagira umumaro ukomeye mu myigire yabo. Gukorera mu matsinda bifiteakamaro, ariko na none ni ngombwa ko umwarimu yita kuri buri munyeshuri kugira ngo akosore imivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye.

Imyigishirize y'Ikinyarwanda igomba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri hubahirizwa uburezi budaheza ; abanyeshuri bose bahabwa amahirwe angana yo gusubiza no gukora.

3. Uburyo bw'isuzuma

Isuzuma ni ikurikirana ry'imyigire y'umunyeshuri hakusanywa ibimenyetso bijyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezaho hashingiye ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, isuzuma na ryo rigomba gushingira ku bushobozi, aho umunyeshuri akora umwitozo ujyanye n'ubuzima bwa buri munsu ashira mu bikorwa ibyo yize.

Isuzuma rikorwa ku buryo bukurikira :

- *isuzuma rikorerwa mu ishuri ;*
- *isuzuma rikorwa ku rwego rw'ikigo n'urw'akarere ;*
- *isuzuma ryo kureba ibyagezweho mu myigire mu mshuri yo mu Rwanda ndetse n'ibizamini bya Leta.*

4. Imfashanyigisho

Mu gushyira mu bikorwa integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiyeye ku bushobozi hakenewe imfashanyigisho zihagije ; hari izigomba kugurwa n'izo umwarimu n'abanyeshuri bakwikorera ubwabo.

Izo mfashanyigisho zigabuye mu byiciro bitandukanye : iz'iyumvabona (terevisiyo, porojegiteri, mudasobwa, sede,...) ; izitegwa amatwi (radiyo, telefone,...) n'inyandiko (inyoborabarezi, ibitabo by'abanyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibinyamakuru,...).

Umwarimu kimwe n'undi wese ufite uruhare mu burezi, agomba kubona amahugurwa ahagije amufasha kubahiriza amahame y'uburezi budaheza mu gushyira iyo nteganyanyigisho mu bikorwa. Ayo mahugurwa azamufasha gutahura no kumenya kwita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye nk'imbogamizi mu myigire yabo.

5. Imiterere y'umutwe mu nteganyanyigisho

Umutwe ushingiyeye ku nsanganyamatsiko iherwaho kugira ngo abanyeshuri bashobore gusoma, gusesengura imyandiko no guhanga iyabo (bitewe n'ikigero cyabo) no gukungahaza ubumenyi bwabo basesengura ikibonezamvugo.

Buri mutwe ugira ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe kugerwaho umaze kwigwa hakaba n'inego z'ubumenyi, iz'ubumenyi ngiro n'iz'ubukeshya, zifasha umwarimu gutegura no gutanga isomo rye ashingiyeye ku byigwa. Hari kandi ibikorwa by'umunyeshuri bimufasha kugira uruhare mu myigire ye. Nyuma ya buri mutwe hari ibigenderwaho mu isuzumarigamije kuzuzura ko ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe bwagezweho, hakanateganywa imfashanyigisho umwarimu yakwifashisha.

6. Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe

Iteganyanyigisho nk'igikorwa cya gihanga gishingiyecy'ubushakashashatsi igomba kugaragaza inkomoko y'ibiyikubiyemo. Hifashishwa inyandiko n'ibitabo binyuranye, ndetse n'inzira z'umuyoboro murandasi.

7. Umugereka

Umugereka ugaragaza imbonerahamwe y'amasomo y'Ikinyarwanda mu kiciro iki n'iki cy'amashuri abanza n'amasaha yagenewe mu cyumweru.

Igikorwa cya 2

Gusobanukirwa n'ibyigwa bikubiye mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza . (Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, 2015; Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, 2015)

Uhugura afasha ujya mu matsinda ya batandatu, akabaha integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abahugurwa kabanza bagashakamo ibyigwa biteganyijwe muri buri kiciro umwaka ku wundi. Itsinda rigenerwa ikiciro rishakira ibyigwa.

Ubutumwa bw'ingenzi

Ibyigwa biri mu kiciro cya mbere

1. Imitwe n'ibyigwa mu mwaka wa mbere

Mu mwaka wa mbere higwamo itonde ry'inyuguti, imisharabiko, gusoma no gusesengura imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye, gusoma no kwandika mu cyapa inyajwi, ingombajwi n'ibihekane 6, imigemo, amagambo, interuro birimo inyuguti n'ibihekane biba bimaze kwigwa.

Umutwe	Insanganyamatsiko	Inyajwi/ ingombajwi / ibihekane byigwa	Umubare w'amasomo
1	Umuco n'indangagaciro	i, u	40
2	Isuku	o, a, e, r, k, b	56
3	Umuryango	n, m	24
4	Ibidukikije	g, y, t, z	40
5	Uburenganzira bw'umwana	h, s, v	32
6	Kwirinda no gukumira ihohoterwa	w, c, d	24
7	Inyamaswa zo mu rugo	f, j, p, l	24
8	Indyo yuzuye	nd, ng, ny, sh	24
9	Kuzigama	kw, mb	24
Igiteranyo	Imitwe 9	Inyuguti n'ibihekane 30	Amasomo 288

2. Imitwe n'ibygwa mu mwaka wa kabiri

Mu mwaka wa kabiri hasubirwamo ibyizwe mu mwaka wa mbere, hakigwamo kwandika mu mukono itonde ry'inyuguti, gusoma no gusesengura imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye no gusoma no kwandika mu mukono imigemo, amagambo, interuro birimo ibihekane biba bimaze kwigwa.

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ibihekane byigwa	Umubare w'amasomo
1	Umuco w'amahoro	Ibihekane: ts, nz, rw, by, nt, mw	48
2	Inshingano z'abana	Ibihekane: tw, bw, cy, ry	24
3	Uburenganzira bw'abana	Ibihekane: my, nk, nj, mv	24
4	Imiyoborere myiza	Ibihekane: mp, jy, pf, zw, nw	24
5	Isuku	Ibihekane: ns, mby, shy, nsh, gw, jw	24
6	Ikoranabuhanga n'itumanaho	Ibihekane: nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf, ndw	48
7	Iterambere	Ibihekane: nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nk, py	48
8	Ubuzima	Ibihekane: njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nshy, nty	48
Igiteranyo	Imitwe 8	Ibihekane 50	288

3. Imitwe n'ibygwa mu mwaka wa gatatu

Mu mwaka wa gatatu hasubirwamo ibyizwe mu mwaka wa kabiri, hakigwamo gusoma no gusesengura imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye, gusoma no kwandika mu mukono imigemo, amagambo, interuro birimo ibihekane biba bimaze kwigwa hanyuma bakiga n'ubumenyi rusange bw'ururimi.

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ibihekane/ Ikibonezamvugo/ Ubumenyi bw'ururimi	Umubare w'amasomo
1	Imyuga gakondo	mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw	48
2	Kubungabunga ubuzima	ncy, shyw, nshw, myw, nshyw, mbyw	24
3	Uburenganzira n'inshingano by'umwana	mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy, ryw	24
4	Inyamaswa zo mu gasozi	- Utwatuzo: akabago, akitso, akabazo n'agatangaro. - Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo.	56
5	Umuco w'amahoro	- Ingingo z'ingenzi - Kubara inkuru - Inyuguti nkuru	40

6	Siporo n'imyidagaduro	- Uturingushyo - Utwatuzo: utwuguruzo n'utwugarizo - Ibisakuzo - Umugani muremure - Umuvugo - Amagorane	32
7	Gukunda umurimo	- Ibaruwa isanzwe - Agakinamico	24
8	Gukunda igihugu	- Imigani migufi - Umwirondoro w'umuntu - Inyuguti nkuru - Inshamake - Indirimbo - Impuzanyito - Invugwakimwe - Imbusane	40
Igiteranyo	8	Ibihekane 20 , ikibonezamvugo n'ubumenyi rusange bw'ururimi.	288

Ibyigwa biri mu ntegenyanyigisho y'ikiciro cya kabiri

1. *Imitwe n'ibygwa mu mwaka wa kane*

Mu mwaka wa kane higwamo gusoma no gusesengura imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye, ubumenyi rusange bw'ururimi, kwandika no kungurana ibitekerezo.

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ubumenyi bw'ururimi byigwa	Umubare w'amasomo
1	Umuco n'indangagaciro nyarwanda	Utwatuzo dukoresha hagati mu nteruro	24
2	Iterambere	Utwatuzo dukoresha hagati mu nteruro	24
3	SIDA n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina	Amagambo adahinduka (indangahantu n'impakanyi)	24
4	Imikino n'imyidagaduro	- Utwatuzo (uturegeka n'akanyerezo) - Impuzashusho n'invugwakimwe	24

5	Kubana neza n'abandi	- Ihinamwandiko - Izina bwite n'izina rusange	24
6	Gukunda no kwitabira umurimo	- Igitekerezo cyo muri rubanda - Ingingo zigize umwandiko - Ihinamwandiko	24
Igiteranyo	Imitwe 6		Amasomo 144

2. Imitwe n'ibygwa mu mwaka wa gatanu

Mu mwaka wa gatanu higwamo gusoma no gusesengura iyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye, ubumenyi rusange bw'ururimi, kwandika no kungurana ibitekerezo.

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ubumenyi bw'ururimi	Umubare w'amasomo
1	Kwimakaza indangaciro nyarwanda	Amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo.	24
2	Kwimakaza uburenganzira bwa muntu	- Indango ihakana n'indango yemeza. - Amagambo akatwa (na, nka) - Amarangamutima n'inyigana	24
3	Gufata neza ibidukikije	Ingiro nkora n'ingiro ntega	24
4	Ubuzima bw'imyororokere	- Uturemajambo tw'amazina rusange mbonera n'amategeko y'igenamajwi - Ntera - Izina ntera - Igisanterera - Imyandikire y'amagambo aranga ahantu	24
5	Kwimakaza imiyoborere myiza	Ikinyazina nyereka	24
6	Umuco w'amahoro	- Ikinyazina ngenera - Ikinyazina ngenga (uvuga, ubwirwa, ikivugwa). - Ikinyazina ndafutura, - Ibaruwa isanzwe (ya gicuti) - Imyandikire y'amagambo aranga igihe.	24
Igiteranyo	Imitwe 6		Amasomo 144

3. Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa gatandatu

Mu mwaka wa gatandatu higwamo gusoma no gusesengura imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye, ubumenyi rusange bw'ururimi, kwandika no kungurana ibitekerezo.

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ubundi bumenyi bw'ururimi byigwa	Umubare w'amasomo
1	Umuco nyarwanda	- Ikeshamvugo ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo. - Imikoreshereze y'inyuguti nkuru	24
2	Ibidukikije	- Ikinyazina nyamubaro - Inshoberamahanga - Itondaguranshinga (imbundo)	24
3	Ubuziama bw'imyororokere	- Itondaguranshinga (ibihe bikuru by'inshinga (impitakera, impitakare, indagihe, inzagihe) - Ikinyazina mbaza - Ikinyazina mboneranteko - Insigamigani	24
4	Uburinganire n'ubwuzuzanye	- Ihimbamwandiko: (Inshoza, imbata y'umwandiko, amabwirizay'ihangamwandiko) - Ibiganiri mpaka: (Inshoza, amabwiriza). - Amagambo afatana n'atandukana (nuko, ni uko, n'uko, ...)	24
5	Gukorera mu mucyo	- Umwirondoro (amazina ye, ay'ababyeyi, aho atuye, igihe yavukiye ...) - Amatangazo (aranga, arangisha, amenyesha...) - Umuvugo (kuvuga umuvugo, imiterere y'umuvugo)	24
6	Ubukerarugendo	- Ikeshamvugo ku mwami, ku ngoma, ku rusaku rw'ibintu, ku ntaho no ku matsinda y'ibintu. - Ubwoko bw'amagambo adahinduka: icyungo n'umugereka / ingera.	24
Igiteranyo	Imitwe 6		Amasomo 144

Umusozo: Iminota 5

Inyigisho isozwa uhugura akangurira abahugurwa gukurikiza ibikorwa byo kunoza imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza. Abasomera inshamake y'integanyanyigisho abihuza n'ibikubiye mu gitabo cy'amahugurwa. Akabibitsa ko integanyanyigisho iyobora umwarimu mu bikorwa bye bya buri munsu mu kwigisha, kuko igitabo cy'umunyeshuri n'icya mwarimu bidahagije kugira ngo isomo rigende neza.

Inyigisho ya 3

Kwinjiza ingingo nsanganyamasomo mu masomo y'Ikinyarwanda

Intego y'inyigisho

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora :

- Gusobanura uko ingingo nsanganyamasomo zakwinjizwa mu bikorwa by'imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda.
- Gutegura ibikorwa bigaragaza ingingo nsanganyamasomo mu isomo ry'Ikinyarwanda.

Imfashanyigisho: Ibitabo by'Ikinyarwanda mu mashuri abanza (iby'umwarimu n'iby'umunyeshuri) ; impapuro zo kwandikaho, marikeri, ubujeni, ingwa ...

Intangiriro: Iminota 5

Igikorwa cy'umwinjizo : isubiramo

Uhugura afasha abahugurwa kwibukiranya ingingo nsanganyamasomo ziri mu munteganyanyigisho n'ibisobanuro bazo.

Ingingo nsanganyamasomo n'ibisobanuro byazo:

Ingingo nsanganyamasomo: ni ibyigwa umunyeshuri agomba kumenya kuko ari ibibazo byugariye isi, akarere n'u Rwanda by'umwihariko, ariko bidafite isomo iri n'iri bishingiyeho, ahubwo bikaba bigomba kunyuzwa mu masomo yose, abarimu bakabiganiriza abanyeshuri.

- **Uburunganire n'ubwuzuzanye:** Iyi ngingo nsanganyamasomo ishobora kugaragarira mu bivugwa mu myandiko, ku mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi.
- **Kubungabunga ibidukikije:** Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko, batoza abanyeshuri kwita ku bidukikije.
- **Umuco w'ubuziranenge:** Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko batoza abanyeshuri gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge.
- **Uburezi budaheza:** Iyi ngingo nsanganyamasomo ishobora kugaragarira mu bivugwa mu myandiko, ku mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita kuri buri mu nyeshuri wese.
- **Ubumenyi kuri Jenocide:** Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko basobanurira abanyeshuri ububi bwa Jenocide n'ingengabitekerezo yayo.
- **Umuco wo kuzigama:** Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko bashishikariza abanyeshuri kwizigamira.
- **Umuco w'amahoro n'indangagaciro:** Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko batoza abanyeshuri kubana neza mu mahoro no kurangwa n'indangagaciro nyarwanda.
- **Ubuzima bw'imyororokere:** Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko batoza abanyeshuri impinduka z'imibiri yabo n'imyifatire igomba kubaranga.

Inyigisho nyirizina : Iminota 50

Igikorwa cya 1

Gusobanura uko ingingo nsanganyamasomo zakwinjizwa mu bikorwa by’imyigire n’imyigishirize y’Ikinyarwanda.

Umwandiko *“Kwita ku batishoboye”*, Igitabo cy’umunyeshuri umwaka wa 4 ku rupapuro rwa 18-20. (iminota 15)

Uhugura aha abahugurwa impapuro nini zabugenewe, akabasaba kuganirira mu matsinda ku ngingo nsanganyamasomo zijyanye n’uwo mwandiko bazandika kuri za mpapuro. Asaba kandi abahugurwa kungurana ibitekerezo ku buryo umwarimu yakwinjiza ingingo nsanganyamasomo mu isomo ry’Ikinyarwanda iryo ari ryo ryose.

Ibisubizo babonye babyomeka ku rukuta, umuntu umwe muri buri tsinda agasobanura ingingo nsanganyamasomo itsinda rye ryabonye.

Ibisubizo bishoboka:

- Umuco w’ubuziranenge: kurengeza ubuzima;
- Kubungabunga ibidukikije: ;
- Uburere mbonezabukungu: kurwanya ubukene;
- Umuco w’amahoro: gufasha ubabaye

Uhugura ashobora kongeraho izindi ngingo nsanganyamasomo zishoboka zitavuzwe.

Ubutumwa bw’ingenzi

Uko ingingo nsanganyamasomo zakwinjizwa mu isomo:

Ingingo nsanganyamasomo mu isomo ry’Ikinyarwanda zishingira ku nsanganyamatsiko y’umutwe cyangwa ku ngingo zivugwa mu myandiko, zishobora no kugaragarira mu mashusho aherekeje imyandiko (abahungu n’abakobwa, abafite ubumuga n’abatabufite...); zijyana kandi n’ibikorwa bitandukanye umwarimu ategura n’uburyo abanyeshuri babigiramo uruhare (ibikorwa byo mu matsinda, uko aha abanyeshuri ijamba, uko afasha abafite ibibazo byihariye...) ariko zishobora no gushingira ku bikorwa bibaye mu ishuricyangwa ku ishuri (abonye umunyeshuri wangiza ibidukikije, ibikoreho, ushyira mu kanwa ibintu byanduye...). Umwarimu agomba kumenya izo ngingo nsanganyamasomo zitandukanye, akazirikana ko izo yateganyije zigomba kwinjizwa mu isomo, izo agomba gutangaho ubutumwa akabutanga. Ku isomo rimwe hashobora gufatiraho ingingo nsanganyamasomo zitandukanye; umwarimu ni we uhitamo iyo atangaho ubutumwa.

Igikorwa cya 2

Gutegura ibikorwa mu isomo ry’Ikinyarwanda bigaragaramo ingingo nsanganyamasomo

Uhugura afasha abahugurwa gukora amatsinda atandukanye, agaha buri tsinda igitabo cy’umwarimu n’icy’umunyeshuri by’Ikinyarwanda mu myaka inyuranye. Buri tsinda rigahitamo isomo ryishakiye bagategura ibikorwa by’imyigire n’imyigishirize bagaragaza ingingo nsanganyamasomo zakwinjizwamo n’uko zakwinjizwamo.

Urugero: Inkuru:Kanyana muri pariki iri mu gitabo cy’umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri umwaka wa 3 ku rupapuro rwa 22

Isomo: Gusoma no gusesengura inkuru

Muri iyi nkuru umwarimu yatanga ubutumwa ko kubungabunga ibidukikije bitareba inyamaswa gusa ahubwo hari n'ibindi binyuranye bigomba kubungwabugwa. Uko umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi ijambo byinjiza ingingo y'uburinganire bw'ibitsina byombi, uko afasha abafite ibibazo byihariye cyangwa asaba abanyeshuri gufasha bagenzi babo byinjiza ingingo y'uburezi budaheza...

Umusozo: Iminota 5

Uhugura afasha abahurwa kwibukiranya akamaro ko kwinjiza ingingo nsanganyamasomo zitandukanye mu isomo ry'Ikinyarwanda.

Inyigisho ya 4

Gusesengura ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe mu isomo ry'Ikinyarwanda

Intego y'inyigisho:

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora:

- Gusesengura ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu kiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza;
- Kwerekana akamaro k'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe;
- Gutegura no gukora ibikorwa bifasha abanyeshuri kugera ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe.

Imfashanyigisho: igitabo cy'amahugurwa, integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, impapuro zabugenewe zo kwandikaho, agapira ko gukina, marikeri, ibitabo by'Ikinyarwanda by'umwarimu n'iby'umunyeshuri mu mashuri abanza, ibujeni bwo kumanikisha impapuro

Intangiriro: iminota 5

Igikorwa cy'umwinjizo

Uhugura arasaba abahugurwa kwibukiranya ibyiciro by'ubushobozi bushingiye ku nyigisho y'Ikinyarwanda, bigaragara mu nyeganyanyigisho.

Ibisubizo bishoboka:

1. Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'Ikinyarwanda nyuma y'ikiciro
2. Ubushobozi bugamijwe nyuma ya buri mwaka
3. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe
4. Intego zigizwe n'iz'ubumenyi, ubumenyigiro n'ubukeshya

Inyigisho nyirizina : iminota 60

Igikorwa cya 1

Gusesengura ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu kiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza

Uhugura ashyira abahugurwa mu matsinda, akabasaba gusoma inyandiko igaragaza imitwe n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe bukubiye mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza.

Imitwe n’ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe muri buri mwaka na buri mutwe mu nteganyanyigisho y’Ikinyarwanda mu mashuri abanza. (Integanyanyigisho y’Ikinyarwanda, Ikiciro cya kabiri cy’amashuri abanza, 2015; Integanyanyigisho y’Ikinyarwanda ikiciro cya mbere cy’amashuri abanza, 2015)

1. Umwaka wa mbere

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe
1	Umuco n’indangagaciro	- Gusoma no kwandika inyajwi i na u no kuzitahura mu magambo no mu nteruro ndetse no mu twandiko tuvuga ku mucu n’indangagaciro.
2	Isuku	- Gusoma no kwandika inyajwi o, a, e , no gusoma no kwandika amagambo n’interuro birimo ingombajwi r, k na b no kuzitahura mu magambo no mu nteruro ndetse no mu twandiko tuvuga ku isuku.
3	Umuryango	- Gusoma no kwandika amagambo n’interuro birimo ingombajwi n na m no gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y’umuryango.
4	Ibidukikije	- Gusoma no kwandika amagambo n’interuro birimo ingombajwi g, y, t, z no gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y’ibidukikije.
5	Uburenganzira bw’umwana	- Gusoma no kwandika amagambo n’interuro birimo ingombajwi h, s na v no gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y’uburenganzira bw’umwana.
6	Kwirinda no gukumira ihohoterwa	- Gusoma no kwandika amagambo n’interuro birimo ingombajwi w, c na d no gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko yo kwirinda no gukumira ihohoterwa.
7	Inyamaswa zo mu rugo	- Gusoma no kwandika amagambo n’interuro birimo ingombajwi “f/j” n’ingombajwi “p/l” no gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y’inyamaswa zo mu rugo.
8	Indyo yuzuye	- Gusoma no kwandika ibihokane nd, ng, ny na sh no gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko yerekeranye n’indyo yuzuye.
9	Kuzigama	- Gusoma no kwandika amagambo n’interuro birimo ibihokane “kw, mb” no gutahura igitekerezo gikubiye mu twandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko yerekeranye no kuzigama.

2. Umwaka wa kabiri

<i>Umutwe</i>	<i>Insanganyamatsiko</i>	<i>Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe</i>
1	<i>Umuco w'amahoro</i>	-Gusoma no kwandika anozza umukono inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda. -Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane ts, nz, rw, by, nt, mw no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro.
2	<i>Inshingano z'abana</i>	- Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihokane " tw, bw, cy, ry " no gusesengura utwandiko tugufi ku nsanganyamatsiko y'inshingano z'abana.
3	<i>Uburenganzira bw'abana</i>	- Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihokane " my, nk, nj, mv " no gusesengura utwandiko tugufi twasomwe ku nsanganyamatsiko y'uburenganzira bw'umwana.
4	<i>Imiyoborere myiza</i>	- Gusoma no kwandika banoza umukono, amagambo n'interuro birimo ibihokane " mp, jy, pf, zw, nw " no gusesengura utwandiko tugufi twasomwe ku nsanganyamatsiko y'imiyoborere myiza.
5	<i>Isuku</i>	- Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro ibihokane " ns, mby, shy, nsh, gw, jw " no gusesengura utwandiko tugufi twasomwe ku nsanganyamatsiko yerekeye isuku.
6	<i>Ikoranabuhanga n'itumanaho</i>	- Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihokane " nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf, ndw " no gusesengura utwandiko tugufi twasomwe ku nsanganyamatsiko y'itumanaho n'ikoranabuhanga.
7	<i>Iterambere</i>	- Gusoma no kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihokane " nzw, sw, hw, nsu, tsu, ntu, ty, nkw na py " no gusesengura utwandiko tugufi twasomwe ku nsanganyamatsiko y'iterambere.
8	<i>Ubuzima</i>	- Gusoma no kwandika anozza umukono amagambo n'interuro birimo ibihokane " nju, dw, sy, fw, ndy, cw, nshy, nty " no gusesengura imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima.

3. Umwaka wa gatatu

<i>Umutwe</i>	<i>Insanganyamatsiko</i>	<i>Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe</i>
1	<i>Imyuga gakondo</i>	- Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane mpy, pw, mpw, nsy, mvw na byw no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y'imyuga gakondo.
2	<i>Kubungabunga ubuzima</i>	- Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane ncy, shyw, nshw, myw, nshyw na mbyw no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga ubuzima.

3	Uburenganzira n'inshingano by'umwana	- Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, uw, vy na ryw no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko y'uburenganzira n'inshingano z'umwana.
4	Inyamaswa zo mu gasozi	-Gusesengura imyandiko ijyanye n'insanganyamatsiko ku nyamaswa zo ku gasozi. -Gusesengura no gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo no gukoresha neza utwatuzo dukunze gukoreshwa cyane mu nteruro.
5	Umuco w'amahoro	- Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro no gusesengura imiterere y'inkuru.
6	Siporo n'imyidagaduro	-Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko ya siporo n'imyidagaduro no gusesengura umugani muremure, umuvugo, amagorane n'uturingushyo no gusakuza. -Gukoresha uko bikwiye utwatuzo yize mu nteruro mbonezamvugo.
7	Gukunda umurimo	-Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda umurimo. -Gukina agakinamico no kwandika ibaruwa isanzwe.
8	Gukunda igihugu	- Kumva no gusesengura inkuru: indirimbo, umwirondoro w'umuntu, gutahura imvugwakimwe, imvugakimwe, n'igwizanyito; gusesengura imigani y'imigenurano, gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda igihugu no kuwuhina.

4. Umwaka wa kane

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe
1	Umuco n'indangagaciro nyarwanda	- Gusesengura imyandiko ku mucu n'indangagaciro nyarwanda no gusesengura umuganimuremure no kuwuca. - Gusesengura interuro no gukoresha neza utwatuzo tuzisoza.
2	Iterambere	- Gusesengura imyandiko ku iterambere, imigani migufi, ibisakuzo n'ibivugo by'amahomvu. - Gukoresha neza utwatuzo tujya hagati mu nteruro.

3	<i>SIDA n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no guhashya no gukumira SIDA n'izindi ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina, - Gusesengura urwenyana byenda gusetsa no kurutera no gukoresha amasano yo mu muryango n'amagambo adahinduka.
4	<i>Imikino n'imyidagaduro</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ku guteza imbere imikino n'imyidagaduro. - Gusesengura interuro no gukoresha utwatuzo (uturegeka, akanyerezo n'udukubo) mu nteruro. - Gusesengura indirimbo n'imbyino gakondo agaragaza uturango twabyo mu nteruro.
5	<i>Kubana neza n'abandi</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no guteza imbere imibanire myiza n'abandi agaragaza amazina bwite n'amazina rusange, imikoreshereze y'inyuguti nkuru. - Gusesengura inteko z'amazina rusange no gukora ihinamwandiko.
6	<i>Gukunda no kwitabira umurimo</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no gukunda no kwitabira umurimo bigaragara mu mwandiko. - Gusesengura amazina rusange mbonera agaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi - Gusesengura ikinamico nogukoresha mu nteruro udukubo n'udusodeko.

5. Umwaka wa gatanu

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe
1	<i>Kwimakaza indangagaciro nyarwanda</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanyeno kubungabunga umuco n'indangagaciro nyarwanda. - Gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda agaragaza uturango twacyo no kunoza imvugo akoresha neza amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo, no guhina umwandiko.
2	<i>Kwimakaza uburenganzira bwa muntu</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza uburenganzira bwa muntu. - Gusesengura inkuru ishushanyije no kugaragaza ibiyiranga no kwandika neza amagambo akatwa: na, nka na nyiri. - Gutahura no gukoresha indango ihakana n'iyemeza n'amarangamutima y'inyigana.

3	<i>Gufata neza ibidukikije</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no gufata neza ibidukikije. - Kwandika inshinga akoresha ingiro nkora n'ingiro ntega.
4	<i>Ubuzima bw'imyororokere</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye y'ubuzima bw'imyororokere, - Gusesengura izina rusange mbonera; gusesengura ntera, izina ntera n'igisantera no kubikoresha mu nteruro no kunoza imyandikire.
5	<i>Kwimakaza imiyoborere myiza</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza imiyoborere myiza; - Gukoresha mu nteruro ibinyazina ngenga n'ibinyazina nyereka, ibihe n'amezi bya Kinyarwanda n'ubutumwa bugufi.
6	<i>Umuco w'amahoro</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro; - Gukoresha mu nteruro ikinyazina ngenera n'ibinyazina ngenera, ngengana ndafuturanokwandika uko bikwiye amagamboaranga igihe n'ibaruwa yubahiriza imiterere yayo.

6. Umwaka wa gatandatu

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe
1	<i>Umuco nyarwanda</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no kubungabunga umuco nyarwanda. - Gusobanura ikinyazina ngenera, ngenga n'ikinyazina mpamagazi. - Kwandika imvugo yabugenewe ku isekuru, u ngobyi no ku rusyo, guhanga inyandiko y'ikinyamakuru no kwandika inyuguti nkuru ahabugenewe.
2	<i>Ibidukikije</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko ijyanye no gufata neza ibidukikije; - Gusesengura ibiranga inshinga iri mu mbundo, ibiranga ikinyazina nyamubaro n'inshoberamahanga.
3	<i>Ubuzima bw'imyororokere</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere; - Gusesengura ikinyazina mbaza ikinyazina mboneranteko, insigamigani n'indirimo; - Gukoresha mu nteruro cyangwa mu mwandiko ibihe bikuru by'ishinga.

4	Uburunganire n'ubwuzuzanye	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandikoujyanye no kwimakaza uburunganire n'ubwuzuzanye; - Guhanga umwandiko; gutegura ibiganiro mpaka no kubiyobora, no kwandika uko bikwiye amagambo y'Ikinyarwanda.
5	Gukorera mu mucyo	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko ku bijyanye no gukorera mu mucyo no gusesenguraumuvugo; - Kwandika umwirondoro n'amatangazo.
6	Ubukerarugendo	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imyandiko mu bijyanye no guteza imbere ubukerarugendo; - Kubara inkuru ku byo yabonye cyangwa yumvise, gukoresha amagambo yabugenewe ku mwami no ku ngoma; - Gukoresha amagambo adahinduka: icyungo n'ingereka.

Igikorwa cya 2

Kwerekana akamaro k'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe kuri buri mutwe

Uhugura asaba abahugurwa kuganirira mu matsinda ya babiri babiri ku kamaro k'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe. Asaba amatsinda amwe kumurikira bandi ibyo baganiriye.

Ibisubizo byitezwe

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe bufasha umunyeshuri kwiyungura ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bituma agira ubushobozi bukenewe muri uwomutwe ni na bwo umwarimu aheraho ategura ibikorwa bitandukanye bijyanye n'ibyigwa kandi akabushingiraho akoresha isuzuma rimufasha gutanga imyitozo nzamurabushobozi kubatabugezeho uko bikwiye n'imyitozo nyagurabushobozi ku babugezeho.

Igikorwa cya 3

Gutegura ibikorwa bifasha abanyeshuri kugera ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe.

Uhugura ashyira abahugurwa mu matsinda akababwira guhitamo isomo bifashishije igitabo cy'umwarimu bakagaragaza ibikorwa bitandukanye birimo bizafasha umunyeshuri kugera ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe n'uburyo butandukanye byakorwamo.

Uhugura akurikirana ko babikora neza agatanga inyunganizi aho ikenewe.

Ibisubizo byitezwe

Urugero 1: Umwaka wa gatatu, umutwe wa 2: Kubungabunga ubuzima: amasomo 24

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekanane **ncy, shyw, nshw, myw, nshyw** na **mbyw** no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga ubuzima.

Amasomo: 24

Kumva inkuru: amasomo 2

Gusesengura inkuru: amasomo 2

Kumva no gusesengura inkuru: 1

Gutahura no gusoma igihekane (imigemo, amagambo, interuro n'agakuru): amasomo 6

Gusoma no kwandika mu mukono: amasomo 6

Imyitozo yo gusoma no kwandika: amasomo 2

Imyitozo isoza icyumweru (gusoma no kwandika: igihekane amagambo n'interuro): Isomo 2

Isuzuma risoza umutwe: amasomo 2

Imyitozo nzamurabushobozi: isomo 1

(Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza, 2018: urupapuro rwa 62-95)

Inshamake

Muri uyu mutwe, umunyeshuri azasomerwa inkuru, afashwe no kuzisesengura, azasoma kandi yandike ibihekane amagambo n'interuro, yisomere imyandiko anasubize ibibazo byo kuyumva. Ibi bikorwa bizakorerwa mu ishuri no mu mikoro inyuranye umunyeshuri ajya gukorera mu rugo. Hari ibyo akora wenyine n'ibyo akorera mumatsinda afatanyije n'abandi. Iyo bikozwe neza bimufasha kugera ku bushobozi bugamijwe muri uyu mutwe wose.

Urugero 2: Umwaka wa gatandatu, Umutwe wa mbere: Umuco nyarwanda: amasomo 24

(Ikinyarwanda-Amashuri abanza, Umwaka wa 6: Igitabo cy'umwarimu, 2019: urupapuro 1-51)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura imyandiko ijyanye n'umuco nyarwanda
- Gusobanura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina mpamagazi
- Kwandika imvugo yabugenewe ku isekuru, ku ngobyi, no kurusyo
- Kwandika inyandiko y'ikinyamakuru no kwandika inyuguti nkuru ahabugenewe.

Ikigwa	Umubare w'amasomo	Ibyigwa
Umwandiko: Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze	4	Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko
		Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko
		Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko
		Igice cya kane: Gutanga ibitekerezo
Ikinyazina ngenera ngenga	2	Igice cya gatanu: Ikinyazina ngenera ngenga

Umwandiko: Ubukwe bwa kinyarwanda	4	Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko
		Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko
		Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko
		Igice cya kane: Gukina bigana
Ikinyazina mpamagazi	1	Igice cya gatanu: Ikinyazina mpamagazi
Umwandiko: Itorero ry'igihugu n'amatorero ndangamuco	3	Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko
		Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko
		Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko
		Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo
Ikeshamvugo ku isekuru,ku ngobyi no ku rusyo	2	Igice cya gatanu: Ikeshamvugo ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo
Umwandiko: Umurage n'izungura mu Rwanda	4	Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko
		Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko
		Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko
		Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo
Inkuru yo mu Kinyamakuru:Tutitonze umuco wacu waducika	2	Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko
		Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko
		Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko
Imikoreshereze y'inyuguti nkuru	1	Igice cya kane: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru
Isuzuma	1	Ibibazo n'ibisubizo by' isuzuma risoza umutwe wa mbere

Inshamake:

Ibyigwa byose bifatira ku mwandiko, umunyeshuri agasoma, aganasobanura amagambo, akayakoresha mu nteruro, agasobanukirwa, agasesengura ingingo z'ingenzi, agatanga ibitekerezo hanyuma akunguka n'ubundi bumenyi bw'ururimi.

Umusozo: iminota 10

Ikigaragara ni uko ibikorwa biteganyijwe muri buri mutwe byo byitaweho ubushobozi bugamijwe bwagerwaho, hagatangwa n'imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi iba yateganyijwe.

Intego z'inyigisho:

Nyuma y'inyigisho, abitabiriye amahugurwa baraba bashobora:

- Gusobanura ubushobozi nsanganyamasomo mu isomo ry'Ikinyarwanda;
- Gushaka ibikorwa byinjiza ubushobozi nsanganyamasomo mu isomo ry'Ikinyarwanda no kugaragaza uburyo bwakoreshejwe.

Imfashanyigisho: integanyanyisho y'ibyiciro byombi, impapuro nini zo kwandikaho, marikeri, ingwa n'ikibaho, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri n'icya mwarimu.

Imigendekere y'inyigisho**Intangiriro iminota 5****Igikorwa cy'umwinjizo: Isubiramo**

Uhugura asaba abahugurwa kuvuga ubushobozi nsanganyamasomo bazi mu rwego rwo kwiyibutsa.

Ubushobozi nsanganyamasomo ni:

1. Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo;
2. Ubushakashatsi;
3. Guhanga udushya;
4. Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda;
5. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi;
6. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni:

Uhugura asangiza abahugurwa intego z'isomo.

Inyigisho nyirizina: iminota 50**Igikorwa cya 1****Gusobanura ubushobozi nsanganyamasomo mu isomo ry'Ikinyarwanda**

- a. Uhugura asaba abahugurwa kwibukiranya ubushobozi nsanganyamasomo.

Ubushobozi nsanganyamasomo:

- *Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo*
- *Guhanga udushya*
- *Ubushakashatsi*
- *Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu*
- *Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni*
- *Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi*

- b. Uhugura asaba abahugurwa gusoma ibikorwa biri mu isomo riri mu gitabo cy'umwarimu umwaka wa 3 ku rupapuro rwa 67-68: ***“Gutahura icyo ibisakuzo ari cyo no gusakuzanya”***, bakagaragaza ubushobozi nsanganyamasomo bwatezwa imbere muri ibyo bikorwa.

Ibisubizo byitezwe

- *Gutahura icyo ibisakuzo ari cyo bahereye ku nkuru basomye:*
Ubushishozi mu gihe abanyeshuri batekereza uko basobanura ibisakuzo icyo ari cyo
Guhanga udushya umunyeshuri ashobo gutekereza agatanga igisobanuro k'ibisakuzo abandi batigeze batanga
- *Gusakuzanya:*
Ubusabane mu kinyarwanda: iyo abantu basakuzanya barasabana, umwe abaza undi asubiza
Ubufatanye n'imibanire ikwiye: iyo abantu basakuzanya barubahana, bagasabana ijamba bagendeye ku mategeko y'umukino w'ibisakuzo kandi bagafashanya uwo kinaniye, mugenziwe akagisubiza.
Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: ibisakuzo ni umukino usaba gutekereza no gufindura byubaka mu munyeshuri ubushobozi bwo gutekereza, kureba kure no kugenekereza.
- *Kwitegereza amashusho no gutahura igisakuzo bijyanye:*
Ubushishozi: kwitegereza hanyuma ugatahura bisaba ubushishozi kugira ngo ibyo utahuye bibe bijyanye koko n'ibyo witegereje.
Guhanga udushya: mu kwitegereza amashusho no gutahura igisubizo umunyeshuri ashobora gutanga igisubizo gishya kandi kijyanye n'inyurabwenge.
- *Kubwira abo babana ibisakuzo bize biri mu bitabo byabo:*
Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: imikoro yo mu rugo ifasha umunyeshuri kumva ko kwiga bitarangiye kwishuri, ahubwo ko aho umuntu ari hose yahora yiyungura ubumenyi haba mu gusangiza abandi ibyo yungutse cyangwa gusobanura ibyo atumva neza cyangwa atazi.

Igikorwa cya 2

Gushaka ibikorwa byinjiza ubushobozi nsanganyamasomo mu isomero ry'Ikinyarwanda no kugaragaza uburyo bwakoreshejwe

Uhugura ashyira abahugurwa mu matsinda akabasaba kwifashisha integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, bagahitamo isomo hanyuma bakagaragaza ubushobozi nsanganyamasomo bujyanye n'ibikorwa biteganyijwe muri iryo somo.

Urugero:

Umwandiko: Dusobanukirwe n'inyamaswa

Igitabo cy'umunyeshuri k'Ikinyarwanda, umwaka wa 3 w'amashuri abanza, urp 150

Isomo: Kumva no gusesengura umwandiko

1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho bitegereza amashusho: Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo
2. Gukoresha amagambo mu nteruro: ubushishozi
3. Gukora interuro buriwese akayibwira mugenzi we: ubusabane
4. Gusoma bucece: guhora yiga no kwiyungura ubumenyi

5. Gusoma interuro basimburana: ubufatanye n'imibanire ikwiye
6. Gusomera bagenzi babo mu ruhame: Ubusabane

Umusozo: iminota 5

Ubutumwa bw'ingenzi

Uko umunyeshuri agenda azamura ubu bushobozi nsanganyamasomo bimufasha gukemura muburyo bunoze ibibazo agenda ahura na byo mu buzima bwa buri munsu no kurushaho gutegura neza ejo hazaza.

Inyigisho ya 6 Gukora no gukoresha imfashanyigisho

Intego y'inyigisho

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora:

- Kugaragaza akamaro k'imfashanyigisho mu myigire n'imyigishirize.
- Gusobanura imfashanyigisho zakoreshe mu kwigisha Ikinyarwanda n'uko zakorwa;
- Kwifashisha no gukora imfashanyigisho ziboneka hafi mu masomo y'Ikinyarwanda.

Imfashanyigisho: igitabo cy'amahugurwa, Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, ibitabo by'Ikinyarwanda by'umwarimu n'iby'umunyeshuri mu mashuri abanza, impapuro zabugenewe zo kwandikaho, marikeri, imikasi ...

Intangiriro: iminota 5

Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu asaba abahugurwa kuganira babiri babiri, ku bintu bakwifashisha bigisha igihekanе «nz» mu mwaka wa kabiri kugira ngo abanyeshuri bashobore gutahura amagambo kibonekamo.

Uhugura asaba amatsinda amwe gusangiza abandi ibyo baganiriye:

Ibisubizo:

Hakwifashishwa :

- Amashusho agaragara: inzu, inzuki, inzira, inzoka, inzâara, inzovu, inzugi ...
- Ibikoresho bifatika: inzembe, umunzani, inzogera...
- Amagambo arimo igihekanе "nz": nzaramba, inzika, inzara, inzobere, inzoga

Uhugura abaza abahugurwa aho ibi byose byifashishwa byava.

Hari ibyo umwarimu yishakira cyangwa akorank'amashusho, ibikoresho bifatika n'amagambo; hari ibyo abanyeshuri bashakira nk'amagambo n'ibikoresho bifatika; hari n'ibindi bigaragara mu bitabo nk'amashusho n'amagambo.

Uhugura abwira abahugurwa ko bagiye kwiga ibijyanye n'imfashanyigisho.

Inyigisho nyirizina: iminota 50

Igikorwa cya 1

Gusobanura imfashanyigisho no kugaragaza akamaro kazo mu myigire n'imyigishirize

Uhugura asaba abahugurwa kuganira babiribabiri ku gisobanuro k'imfashanyigisho n'akamaro kazo mu myigire n'imyigishirize.

Igisobanuro n'akamaro k'imfashanyigisho

(Teacher Training Manual on the roll out on the competence based curriculum, 2015, page 75)

Imfashanyigisho ni ibintu bitandukanye umwarimu yifashisha kugira ngo isomo yigisha rirusheho kumvikana no gusobanuka neza, bigafasha umunyeshuri gusobanukirwa no gucengerwa n'ibyo yigishwa.

Mu isomo ry'Ikinyarwanda imfashanyigisho zifasha by'umwihariko abanyeshuri kwitoza gusoma, zikanabashishikariza gusoma no kwandika.

Igikorwa cya 2

Gusobanura imfashanyigisho zakoreshe mu kwigisha ikinyarwanda n'uko zakorwa

Uhugura afasha abahugurwa gukora amatsinda no kuvuga imfashanyigisho zifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda, bakanasobanura uko izo mfashanyigisho zaboneka.

Ubutumwa bw'ingenzi

Imfashanyigisho zifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda

Mu kwigisha Ikinyarwanda, umwarimu akenera imfashanyigisho zo gusoma no kwandika: ibitabo, amashusho, amashusho aherekewe n'amagambo...; Akenera kandi imfashanyigisho ntegwamatwi: indirimbo, amajwi... ; Imfashanyigisho zo kwitegereza zifasha abanyeshuri gusobanukirwa n'amagambo mashya zishobora kuba amashusho cyangwa ibintu bifatika. Amashusho n'inyandiko biba byerekeye insanganyamatsiko abanyeshuri biga zijyanze n'ubuzima bwabo bwa buri muni. Imfashanyigisho zo gusoma zishobora kuba zandikishijwe intoki cyangwa imashini kandi zigaragara neza.

Uko imfashanyigisho zakorwa

Umwarimu n'abanyeshuri bashobora kwandika amakarita y'inyuguti zizwe bakazimanika ku rukuta mu ishuri. Izi mfashanyigisho zafasha umunyeshuri gukomeza kwiyibutsa ibyo yize igihe cyose azibona hafi ye.

Umwarimu n'abanyeshuri bashobora gukora amashusho akamanikwa ku rukuta mu ishuri. Buri shusho ikaba iriho ijamba cyangwa interuro biyisobanura.

Iyo abanyeshuri batari bamenya kwandika, bashobora kubwira umwarimu ibyo bashatse kuvuga akabibandikira.

Mu gihe umwarimu n'abanyeshuri bakora imfashanyigisho, hakenerwa ibikoresho binyuranye

birimo ibyo tubona mu bidukikije nk'ibumba, ibikoresho byakoreshejwe, ibimera n'ibindi bigurwa nk'imitasi, inzembe, ubujeni, amakaramu...

Igikorwa cya 3

Kwifashisha imfashanyigisho ziboneka hafi mu masomo y'Ikinyarwanda

Uhugura asaba abahurwa gushakisha buryo bwihuse imfashanyigisho zitandukanye hanyuma bakavuga amasomo bazikoreshamo n'uburyo zakoresheya.

Ingero:

- Ingoma: yakwifashishwa mu gutahura ijwi “ng” mu mwaka wa mbere, umutwe wa munani.
- Imyeyo: yakwifashishwa mu kwigisha igihekanu “my” mu mwaka wa kabiri umutwe wa gatatu.
- Terefoni, ibahasha n'ikinyamakuru: byakwifashishwa mu kwigisha umwandiko “Itumanaho” mu mwaka wa kane umutwe wa kabiri.

Uhugura afasha abahugurwa kujya mu matsinda, akarangira buri itsinda isomo, hanyuma bagashaka imfashanyigisho ziboneka hafi zakoresheya. Buri tsinda rimurikira bagenzi babo imfashanyigisho babonye bakanabasobanurira uko zakoresheya.

- a. Umotwe wa mbere mu mwaka wa gatandatu: Ikeshamvugo... urup. 18 Igitabo cy'umunyeshuri.
- b. Umotwe wa kabiri mu mwaka wa gatanu: Inkuru ishushanyije: Dukine... urupapuro rwa 57 igitabo cy'umunyeshuri.
- c. Umotwe wa kane umwaka wa kane: Imikino gakondo urup 116 igitabo cy'umunyeshuri.
- d. Umotwe wa mbere mu mwaka wa gatatu: Gutahura no gusoma igihekanu “mpy” urup 12
- e. Umotwe wa kabiri mu mwaka wa kabiri: gutahura no gusoma ijwi b urup. 42 igitabo cy'umunyeshuri.

Umusozo w'inyigisho : iminota 5

Uhugura ashishikariza abahugurwa gukoresha burigihe imfashanyigisho mu myigishirize yabo, gukora no gukoresha imfashanyigisho bifashishije ibikoresho ziboneka ariko kandi batangiza ibidukikije. Zimwe mu mfashanyigisho bashobora kuzikora bafatanyije n'abanyeshuri nk'amakarita y'inyuguti, imigemo, amagambo n'amashusho aherekejwe n'inyandiko.

ISUZUMA MU NTEGANYANYIGISHO ISHINGIYE KU BUSHOBOZI

Inyigisho ya 1

Amoko y'isuzuma mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi

Intego y'inyigisho:

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora:

- Gusobanura no gutandukanya isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize n'isuzuma rikomatanya;
- Gusobanura impamvu dusuzuma, igehe isuzuma rikorerwa, ndetse nibisuzumwa
- Gusuzuma ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha.

Imfashanyigisho: igitabo cy'amahugurwa, integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, impapuro zabugenewe zo kwandikaho, igapira ko gukina, marikeri, ibitabo by'Ikinyarwanda by'umwarimu n'iby'umunyeshuri mu mashuri abanza, ubujeni bwo kumanikisha impapuro

Intangiriro: iminota 5

Igikorwa cy'umwinjizo:

Uhugura arabwira abahugurwa agakuru gakurikira hanyuma ababazeho ibibazo:

Mwarimu Matabaro ategura neza amasomo ye: yigisha akurikije ibiteganyijwe mu nteganyanyigisho akanakoresha imfashanyigisho zikwiye. Abanyeshuri be barakurikira mu ishuri kandi bakanagira uruhare mu myigire n'imyigishirize. Yabahaye isuzuma rimwe igihembwe kirangiye atangazwa no kubona umubare munini w'abanyeshuri babonye amanota make.

1. *Muvuga iki ku myigishirize ya Matabaro?*
2. *Mutekereza ko ari iyihe mpamvu yaba yaratumye abanyeshuri be babona amanota make?*

Ibisubizo bishoboka:

Ikibazo cya mbere:

Uburyo akoresha mu kwigisha ni bwiza kuko akurikiza integanyanyigisho kandi akanifashisha imfashanyigisho zikwiye.

Uburyo atangamo isuzuma ntabwo bukwiye kuko agomba gutanga amasuzuma buri gihe uko yigisha kugira ngo amenye neza ko intego yihaye kuri buri somo zagezweho, bityo ahagaragaye ibibazo bikemurwe hakiri kare.

Ikibazo cya kabiri:

Impamvu abanyeshuri babonye amanota make:

- Bahitaga bibagirwa ibyo bize kuko batabibazwagaho;
- Ntibabonye umwanya wo gukora amasuzuma mbere y'igihe ngo bamenye aho bafite ibibazo bikosorwe.

Uhugura arabwira abahugurwa ko bagiye kurebera hamwe ibirebana n'isuzuma, abasabe gukurikira no kugira uruhare muri iyo nyigisho.

Inyigisho nyirizina: iminota 40

Igikorwa cya 1

Gusobanura no gutandukanya isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize n'isuzuma rikomatanya

Uhugura ashyira abahugurwa mu matsinda hanyuma akabasaba gutanga igisobanuro k'isuzuma no gutandukanya isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize n'isuzuma rikomatanya.

Ubutumwa bw'ingenzi:

(Curriculum framework Pre-primary to Upper Secondary school, 201, 5 pages 34-35; Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, 2015, urupapuro rwa 9-10)

Isuzuma icyo ari cyo:

Isuzuma ni ikurikirana ry'imyigire y'umunyeshuri hakusanywa ibimenyetso bijyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma.

Amoko y'isuzuma:

- **Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize:** Mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize hakoresha uburyo buziguye n'ubutaziguye busanzwe bukoresha n'amashuri mu gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye. Mu gihe umwarimu ategura isomo rye, agomba kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya) abanyeshuri bagomba kugeraho. Mu gusoza umutwe, umwarimu asuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe ahereye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe ku mpera y'umutwe n'integanyanyigisho. Umwarimu azasuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukubiye mu byigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri. Mu isuzuma, umwarimu azakoresha bumwe cyangwa impurirane y'uburyo bukurikira: (a) kwitegereza, (b) ibibazo basubiza bandika, (c) ibibazo basubiza bavuga.
- **Isuzuma rikomatanya:** Ni isuzuma rikorwa rigamije gusoza igihembwe, umwaka cyangwa ikiciro no gufata ikemezo cyo gukomeza. Isuzuma rikomatanya rigamije kureba intera umunyeshuri agezeho rigaragaza ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amazekugeraho mu gihe runaka kihariye. Intego y'ibanze y'isuzuma rikomatanya ni ugusuzuma niba ubushobozi bugamijwe bwagezweho. Ibivuye mu isuzuma rikomatanya bishingirwaho mu gufata ikemezo cyo gukomeza ku ntera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri nko kwimurirwa mu kiciro gikurikira cyangwa guhabwa impamyabushobozi. Iri suzuma rigomba gukomatanya ibyo umunyeshuri yize, hakarebwa niba agaragaza ubushobozi bugamijwe bwari buteganyijwe.

Itandukaniro:

<i>Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize</i>	<i>Isuzuma rikomatanya</i>
<i>Rikorwa buri gihe uko umwarimu yigisha: mbere yo kwigisha, mu gihe yigisha, mu gusoza isomo, gusoza umutwe.</i>	<i>Rikorwa nyuma y'igihe runaka kizwi (gusoza igihembwe, gusoza umwaka cyangwa ikiciro)</i>
<i>Rigamije kureba uko umunyeshuri agenda yiyungura ubushobozi mu myigire ye. Hagamijwe gufata ingamba zo kunoza imyigire n'imyigishirize.</i>	<i>Rigamije kureba niba umunyeshuri yujuje ibisabwa ngo ave ku ntera imwe aya ku yindi.</i>
<i>Rikorwa n'umwarimu ku giti ke.</i>	<i>Rishobora gukorwa n'undi muntu utari umwarimu wigishije umunyeshuri.</i>
<i>Umwarimu ashobora gukoresha uburyo buteguwe cyangwa butateguwe bitewe.</i>	<i>Hakoreshwa uburyo bwateguwe.</i>

Uhugura abaza bamwe mu bahugurwa uko bagiye gukora kugira ngo bakore isuzuma rifasha abanyeshuri babo kugera ku bushobozi bugamijwe.

Igikorwa cya 2

Kuki dusuzuma, ni ibiki bisuzumwa, ni ryari basuzuma?

(Teacher Training Manual on the roll out on the competence based curriculum, 2015, page 53)

Uhugura ashya abahugurwamu matsi, buritsinda akariha ikibazo riganiraho hanyuma bagahuriza hamwe ibyo baganiriyeho.

a. Kuki dukora isuzuma mu myigire n'imyigishirize?

Mu myigire n'imyigishirize dukora isuzuma:

- Kugira ngo ibyo buri munyeshuri akeneye ngo yige neza
- Kugira ngo hashakishwe uburyo buboneye bwo gufasha buri munyeshuri mu myigire n'imyigishirize ye
- Kugira ngo hatangwe ubujyanama bwihuse bufasha umunyeshuri kunoza imyigire ye
- Kugira ngo umunyeshuri ashishikarire kwiga bitwe n'umusaruro we
- Kugira ngo hahuzwe ibwizwe mbere, ibiri kwigwa ndetse n'ibikurikiyeho
- Kugira ngo hakurikiranwe iterambere ry'umunyeshuri mu myigire ye no kumuha ubujyanama ku byo ashoboye agomba gukurikirana.

b. Ni ibiki dusuzuma mu myigire n'imyigishirize?

Mu myigire n'imyigishirize hasuzumwa ubushobozi bushingiye ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya.

- **Ubumenyi:** mu gusuzuma ubumenyi hatangwa ibibazo byanditse cyangwa kubaza bagasubiza mu mvugo bibutsa ibyizwe cyangwa batanga ibisobanuro.
- **Ubumenyi ngiro:** mu gusuzuma ubumenyi ngiro habazwa ibibazo bisaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyigishijwe cyangwa se kubyifashisha ahanga udushya.
- **Ubukeshya:** ubukeshya busuzumirwa mu myitwarire n'umuntu mu buzima

bwe bwa buri munsu harebwa niba ibyo yize byaramufashije kugira ibyo ahindura mu buryo bwe bwo kubaho no kubana n'abandi.

c. Ni ryari dukora isuzuma mu myigire n'imyigishirize?

- Dukora isuzuma mbere yo kwigisha
- Dukora isuzuma mu gihe twigisha
- Dukora isuzuma nyuma yo kwigisha

Igikorwa cya 3

Gusuzuma ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya

Uhugura asaba abahugurwa gukorera mu matsinda, bagahitamo isomo bishakiye hanyuma bakerekana uko basuzuma ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya.

Urugero:

Umwaka wa mbere

Umutwe wa 2: Umuryango

Isomo rya 1: Kumva umwandiko: “Nirere mu biruhuko kwa sekuru”.

(Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa mbere w'amashuri abanza, 2018, urupapuro rwa 93-94)

Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize

- Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho
- Inyunguramagambo: kuzisobanura no kuzikoresha mu nteruro
- Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye
- Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru

Isuzuma:

Ibibazo bijyanye n'ubumenyi:

- Ibibazo bisaba ibisobanuro by'amagambo
- Ibibazo bibaza abanyarubuga bavugwa mu nkuru
- Ibibazo bibaza ahantu havugwa mu nkuru
- Ibibazo bibaza ibyabaye mu nkuru.

Ibibazo bijyanye n'ubumenyi ngiro:

- Imyitozo isaba gukoresha mu nteruro amagambo mashya

Ubukeshya: ubukeshya busuzumirwa mu buzima busanzwe, mu myitwarire y'umunyeshuri mu bibazo binyuranye no mu bisubizo atanga iyo asabwe guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.

Umwitoto:

Uhugura asaba abahurwa gukora umwitoto ku isuzuma risoza umutwe wa gatatu (Uburenganzira bw'umwana) mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza riri mu gitabo cy'umwarimu ku rupapuro 121 bagaragaza ibibazo bisuzuma ubumenyi, ibisuzuma ubumenyi ngiro ndetse bagaragaza n'ibyo bazashingiraho basuzuma ubukeshya bagendeye ku nsanganyamatsiko y'umutwe.

Umusozo: iminota 5

Uhugura yanzura inyigisho abwira abahugurwa ko isuzuma ari igikorwa k'ingenzi mu myigire n'inyigishirize kandi ko rishobora gukorwa kuri buri ntambwe y'imyigire n'inyigishirize. Umwarimu agombo kwibanda ku bumenyi, ubumenyi ngiro ndetse n'ubukeshya kugira ngo amenye aho umunyeshuri agaraza ubushobozi bukenewe n'aho akeneye kongeramo ingufu.

Inyigisho ya 2 **Uburyo bwo kubaza ibibazo mu myigishirize ishingiye ku bushobozi mu isomo ry'Ikinyarwanda**

Intego z'inyigisho:

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora:

- Gusobanura akamaro ko kubaza ibibazo bitandukanye;
- Gusobanura inzego z'ibibazo hagendewe ku rwego rw'intego rwa Bloom (Bulumu);
- Gutegura ibibazo biboneye hagendeye ku rwego rw'intego rwa Bloom.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'amahugurwa, impapuro zabugenewe zo kwandikaho, marikeri, ubujeni, ibitabo by'umunyeshuri

Intangiriro: iminota 5

Uhugura asaba umwe mu bahugurwa gusomera abandi intego z'inyigisho.

Inyigisho: iminota 50

Igikorwa cya 1

Gusobanura akamaro ko kubaza ibibazo bitandukanye

Uhugura ayobora abahugurwa akababaza ibibazo bagafatanya ku bisubiza no kubinoza.

Ibibazo:

- Kuki tubaza abanyeshuri ibibazo?
- Ni izihe ngorane abarimu bahura na zo mu kubaza ibibazo?
- Kubaza ibibazo bifite akahe kamaro mu myigire n'inyigishirize?

Bimwe mu bisubizo:

- Tubaza abanyeshuri ibibazo kugira ngo tugenze ko basobanukiwe neza ibyo bize kandi turebe ko ubushobozi bwifuzwa babugezeho.
- Ingorane abarimu bahura na zo harimo kugira inyunguramagambo zidahagije bigatuma bahora babaza ibibazo bimwe buri gihe, kubura ibikoresho bihagije bigatuma ibibazo by'ubumenyi ngiro bitabazwa, ubunewe butuma abarimu babaza ibibazo bike cyangwa ibiboroheye gukosora, imbogamizi z'ururimi ku banyeshuri zituma badasubiza neza uko bikwiye. Kubaza ibibazo abanyeshuri ntibabyumve...
- Kubaza ibibazo bifite akamaro mu myigire n'inyigishirize kuko ibisubizo bitangwa biherwaho mu gufata ibyemezo byo kunoza imyigire n'inyigishirize, ibyo gukomeza ku rwego rukurikiyeho cyangwa ibyo gutinda ku rwego bariho.

Igikorwa cya 2

Gusobanura inzego z'ibibazo hagendewe ku rwego rw'itegeho rwa Bloom

Uhugura azana impapuro zanditseho inzego z'ibibazo hagendewe ku rwego rw'itegeho rwa Bloom, agasaba abahugurwa gutanga uturango twa buri rwego tukandikwa kuri izo mpapuro.

Ibisubizo byitezwe

(Training Session Plan for TTC Tutors, TTC Student Teacher Leavers and Teachers from Demonstration schools Training on the Competence based Curriculum, 2018, page 53).

Urwego rwa 1. Kwibuka: ni ibibazo byibutsa ubwonko ibyo umuntu yize, yabonye, yasomye, yavuze, yumvise... Zimwe mu nshinga zishobora kwifashishwa ni : guhitamo, gutanga inyito, gushaka, gutondeka, guhuza, kuvuga izina, gukuramo, kwerekana, kurondora, kugemura, ni hehe, ni ryari, ni iki, kubera iki...

Urwego rwa 2: Gusobanukirwa ni ibibazo bigaragaza ko umuntu yasobanukiye, n'ibikorwa n'ibitekerezo ashyira kuri gahunda, agereranya, asobanura, asemura... Zimwe mu nshinga zishobora kwifashishwa ni: gutandukanya, kugereranya, kuvuguruzwa, garagaza, gusobanura, kongera, kuvuga mu yandi magambo,

kuvuga muri make, gusemura...

Urwego rwa 3: Gushyira mu ngiro: ni ibibazo bisaba gukemura ibibazo hakoreshejwe ubumenyi, ubuhamya, uburyo n'amategeko byizwe mbere. Zimwe mu nshinga zishobora kwifashishwa: gukoresha, gukora, kubaka, kugaragaza, gutanga urugero, gushyira kuri gahunda, gutegura gahunda, gukemura.

Urwego rwa 4: Gusesengura: ni ibibazo bisaba gusesenguraamakuru, ugashakisha impamvu cyangwa ibimenyetso byagufasha gushyigikira cyangwa kudashyigira uruhande runaka. Zimwe mu nshinga: gusesengura, gushyira mu nzego, kwanzura, gutahura, gutandukanya, kugabanya, gusuzuma,

kugaragaza umumaro, kugenzura, kugaragaza isano, kugaragaza insanganyamatsiko.

Urwego rwa 5: Gusuzuma: ni ukwitegereza no gutekereza ku bikorwa cyangwa ibitekerezo ukabijora ushima cyangwa unenga. Zimwe mu nshinga zakwifashishwa: kwemeranywa, gushima, kunenga, gutanga umwanzuro, kujora, gufata ikemezo, kwemeza, gucishiriza, gushishikariza, gushyira mu gaciro, guha agacirogushyigikira.

Urwego rwa 6: Guhanga: ni uguhuza amakuru cyangwa ingingo mu buryo bushya cyangwa se gutanga imyanzuro mishya. Zimwe mu nshinga zishobora kwifashishwa: guhanga, guhimba, guhindura, kuvanga, kujya impaka, gutekereza, guhindura, guteganya...

Uhugura afasha abahugurwa gukora amatsinda, hanyuma agaha buri tsinda udupapuro dukase twanditseho ibibazo bifatiye ku mwandiko (ikibazo kuri buri gapapuro), akabasaba kubiganiraho no kwemeza urwego bashyiramo buri kibazo. Uhugura asaba amatsinda gusangiza bagenzi babo ibyo bagezeho, babasomera ikibazo hanyuma bakababwira n'urwego bagishyizeho. Iyo bamaze kubyemeranywaho ikibazo kimanikwa ku rukuta ahari urwego rwacyo.

Ibibazo

“Dusobanukirwe n’ingagi mu birunga”

(Ikinyarwanda-Amashuri abanza, Igitabo cy’umunyeshuri, Umwaka wa 6, 2019 : urup. 184)

1. Pariki y’ibirunga iherereye he?
2. Ifite uwuhe mwihariko ku isi no muri Afurika?
3. Vuga amateka ya Pariki y’ibirunga mu mirongo itarenze itanu.
4. Nyiramacibiri ni muntu ki?
5. Ni ibihe binyabuzima biba muri iyi pariki?
6. Koresha aya magambo mu nteruro zawe: ibirori, ubutaka, amadovize.
7. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
8. Ni izihe ngingo z’ingenzi n’iz’ingereka ziri muri uyu mwandiko?
9. Muri Pariki y’ibirunga harimo inyamaswa nyinshi, ubona ari ukubera iki ingagi ari zo zitaweho kurusha izindi nyamaswa?
10. Hanga umwandiko utarengeje imirongo 15 urata indi pariki yo mu Rwanda itari Pariki y’ibirunga.

Ibisubizo byitezwe

Urwego rwa 1. Kwibuka:

Ingero:

Pariki y’ibirunga iherereye he?
Ni ibihe binyabuzima biba muri iyi pariki?

Urwego rwa 2: Gusobanukirwa

Ingero:

Ifite uwuhe mwihariko ku isi no muri Afurika?
Nyiramacibiri ni muntu ki?
Vuga amateka ya Pariki y’ibirunga mu mirongo itarenze itanu.

Urwego rwa 3: Gushyira mu ngiro

Urugero:

Koresha aya magambo mu nteruro zawe: *ibirori, ubutaka, amadovize*

Urwego rwa 4: Gusesengura

Ingero:

Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
Ni izihe ngingo z’ingenzi n’iz’ingereka ziri muri uyu mwandiko?

Urwego rwa 5: Gusuzuma

Urugero:

Muri Pariki y’ibirunga harimo inyamaswa nyinshi, ubona ari ukubera iki ingagi ari zo zitaweho kurusha izindi nyamaswa?

Urwego rwa 6: Guhanga

Urugero:

Hanga umwandiko utarengeje imirongo 15 urata indi pariki yo mu Rwanda itari Pariki y'ibirunga.

Igikorwa cya 3

Gutegura ibibazo biboneye hagendeye ku rwego rw'intego rwa Bloom

Uhugura asaba abahugurwa gukorera mu matsinda yabo, akabasaba kwifashisha igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri bagahitamo isomo bashatse hanyuma bakaribazaho ibibazo. Nibura ikibazo kuri buri rwego rw'ibibazo.

Umusozo: iminota 5

Uhugura yanzura yibutsa abahugurwa ko abanyeshuri bagomba kubazwa bandeye ku nzego zinyuranye z'ibibazo hagendewe ku rwego rw'intego za Bloom.

Inyigisho ya 3

Gukora inyandiko y'ibyavuye mu isuzuma no gukora raporo y'intambwe umunyeshuri agenda atera mu myigire ye (Recording and portfolio)

Intego z'inyigisho:

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora:

- Gusobanura uko bakora inyandiko y'ibyavuyemu isuzuma no kubika dosiye n'umunyeshuri
- Kugaragaza akamaro ko kwandika no kubika ibyavuye mu isuzuma mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi.
- Kugaragaza akamaro ko gutanga ubujyanama mu bikorwa by'imyigire n'imyigishirize n'uburyo buboneye bwo kubutanga.
- Kugaragaza ibigize ifishi igaragaza uko umunyeshuri ahagaze mu myigire ye..
- Kwerekana uburyo babika amanota y'ibyavuye mu isuzuma n'ubwo gukora raporo y'intambwe umunyeshuri agenda atera.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'amahugurwa, impapuro zabugenewe zo kwandikaho, marikeri, ubujeni, integanyanyigisho

Intangiriro: iminota 10

Igikorwa cy'umwinjizo:

Uhugura asaba umwe mu bahugurwa gusoma inyandiko ikurikira yanditse ku mpapuro zabugenewe hanyuma akababazaho ibibazo

Mwarimu Kanyankore yitabira akazi, akigisha abanyeshuri amasaha yose uko ateganyijwe kandi akoresha imfashanyigisho uko bishoboka. Iyo isomo rirangiye akoresha isuzuma ryanditse, nyuma ya buri mutwe na bwo akoresha isuzuma. Impapuro abanyeshuri basubirizaho azijyana iwe akajya azikosora uko abonye akanya hanyuma akazaziha abanyeshuri igihembwe kirangiye bamaze gukora ibizami bisoza igihembwe kugira ngo barebe amanota yabo yose.

Mu matsinda ya babiribabiri mugaragaze ibyo mwarimu Kanyankore akora neza n'ibyo yahindura mu mikorere yea. Ese atabihinduye byagira izihe ngaruka ku banyeshuri be?

Kumurika ibyavuye mu matsinda

Uhugura asaba amatsinda amwe gusangiza abandi ibyo baganiriye hanyuma bagafatanya kubinoza.

Ibyo akora neza: yubahiriza igihe, yifashisha imfashanyigisho mu kwigisha, iyo yigisha akoresha isuzuma.

Ibyo yahindura mu mikorere ye: nyuma yo gukoresha isuzuma agomba kurikosora byihutirwa akamenya uko abanyeshuri be bagera ku bushobozi bugamijwe, abafite ibibazo bagafashwa, ndetse nababugezeho bagafashwa kurushaho kujya mbere.

Inyigisho: iminota 100

Igikorwa cya 1

Gutanga igisobanuro cyo kubika ibyavuye mu isuzuma no gukora raporo y'intambwe umunyeshuri agenda atera mu myigire ye.

(Teacher Training Manual on the roll out on the competence based curriculum, 2015, page 57)

Uhugura afasha abahugurwa gukora amatsinda, akabasaba gutanga igisobanuro cyo kubika ibyavuye mu isuzuma n'icyo gukora raporo y'intambwe umunyeshuri agenda atera mu myigire ye.

Ibisubizo byitezwe

- **Kubika amanota y'ibyavuye mu isuzuma (recording)**

Ni ugukusanya ibigaragaza ko isuzuma rya kozwe no kubika agaciro hagendewe ku bipimo byagenwe. Uburyo ubwo ari bwo bwose bukoreshwa mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota cyangwa hagakoreshwa ibindi bipimo bikabikwa neza ku buryo bigaragaza intambwe igenda iterwa mu myigire, bikaba ari na byo bishingirwaho umwarimu atanga inama ku banyeshuri no ku babyeyi.

- **Gukora raporo y'intambwe umunyeshuri agenda atera mu myigire ye (poltifolio)**

(Teacher Training Manual on the roll out on the competence based curriculum, 2015, page 48)

Integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi isaba umwarimu gukora raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo. Nta bwo amanota yonyine ahagije mu kwerekana ko abanyeshuri bageze ku bigamijwe mu ntego z'amasomo. Umwarimu aba agomba kwerekana aho abanyeshuri bagaragaje ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo ibyo biherwaho hategurwa imyitozo nzamurabushobozi ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke n'imyitozo nyagurabushobozi ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije.

Igikorwa cya 2

Kugaragaza akamaro ko kwandika no kubika ibyavuye mu isuzuma mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi

(Teacher Training Manual on the roll out on the competence based curriculum, 2015, pages 58-59)

Uhugura asaba abahugurwa kuganira babiribabiri bagatanga akamaro ko kwandika no kubika ibyavuye mu isuzuma mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi. Hanyuma bagasangiza bagenzi babo ibyo bagezeho.

Ibisubizo byitezwe

Ni ibiki byandikwa kandi bibikwa muri dosiye y'umunyeshuri ?

Habikwamo imikoro y'umunyeshuri ijyanye n'amasomo, ubusesenguzi n'ibyemezo byafatiwe umunyeshuri bahereye ku mitsindire y'umunyeshuri mu gihe runaka hashingiwe ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mbere. Habikwamo ibijyanye n'imyitwarire y'umunyeshuri n'ibyemezo byagiye bimufatirwa.

Kuki twandika kandi tubika ibigaragaza iterambere ry'umunyeshuri mu myigire ye?

- Bifashagukurikira n'imitsindire y'umwananokumutegurira imyitozo zamurabushobozi na nyagurabushobozi;
- Bituma tubona ibyo umunyeshuri ashoboye;
- Bifasha mu guha umunyeshuri ubujyanama ku byobyo bashoboye no ku byo bakongeramo imbaraga;
- Bifasha gutanga amakuru ku bategura ingamba mu myigire n'imyigishirize;
- Bifasha guha ababyeyi amakuru ku myigire y'umwana no kubaha inama zo kumufasha.

Dusangiza dutwagurira amakuru ku mitsindire y'umunyeshuri?

Dusangiza ababyeyi amakuru nyayo y'intambwe umunyeshuri agenda atera, tukabagaragariza aho agaragaza ubushobozi bukwiye n'aho akeneye kongeramo ingufu, ndetse n'ubwoko bw'imyitozo umunyeshuri agomba gukora.

Igikorwa cya 3

Kugaragaza akamaro ko gutanga ubujyanama mu myigire n'imyigishirize n'uburyo buboneye bwo kubutanga.

Uhugura afasha abahugurwa kujya mu matsinda bakaganira ku kamaro ko gutanga ubujyanama no ku buryo buboneye bwo kubutanga.

Ibisubizo byitezwe

Akamaro ko gutanga ubujyanama ngarukirane

Bifasha umunyeshuri gutekereza ku myigire ye, akamenya aho afite ubushobozi n'aho agaragaza integer nke. Bituma umunyeshuri agira umuhate n'ikizerere bityo akabasha kuziba ibyuhoro biboneka mu myigireye. Biha kandi umwarimu amakuru akeneye yamufasha gufata ingamba zikwiye zo gufasha umunyeshuri kugera ku bushobozi bukenewe.

Uburyo buboneye bwo gutanga no kwakira ubujyanama

Gutanga ubujyanama mu mvugo cyangwa mu nyandiko ni ingenzi mu isuzuma rikorwa mu ishuri.

Ubuujyanama ngarukirane bugomba kwibanda ku bigenda neza, ibyo umunyeshuri ashoboye, ibyo yagezeho nyamara hakanagaragazwa ku buryo busobanutse ibyo akeneye kongeramo imbaraga n'uruhare umunyeshuri agomba kubigiramo. Bifasha umunyeshuri ubwe kwisuzuma mu mikorereye, bikamufasha gukora ku giti ke no kumvako hari icyo aharanira.

Mu gutanga ubujyanama umwarimu ashobora kwifashisha ibibazo, akagira ingingo zimwe na zimwe aganiraho n'abanyeshuri, bakarebera hamwe ibyo buri wese agomba guhindura ariko akirinda kubigira byinshi kugira ngo bitababera umutwari. Umwarimu n'abanyeshuri bagomba kumvikana kungamba nshya bagiyeye gukurikiza.

Igikorwa cya 4

Kugaragaza ingingo zigize ifishi igaragaza uko umunyeshuri ahagaze mummyigire ye
Uhugura asaba abahugurwa kwitegereza ifishi igaragaza ukoumunyeshuri ahagaze mu myigire ye, bakagaragaza ibiyigize.

IFISHI IGARAGAZA UKO UMUNYESHURI AHAGAZE MU MYIGIRE

Inyigisho:

Umutwe:

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Amazina y'umunyeshuri	Ikigero umunyeshuri ari ho	Ibyo ashoboye n'ibyo agaragazamo intege nke	Ibyakorwa mu kunoza imyigire
1.			
2.			
3.			
4			
5			
6			
7			

Ibisubizo byitezwe

- Izina ry'umunyeshuri wabajijwe ;
- Ikigero umunyeshuri ahagazeho :
- Ibyo afitemo ubushobozi buhagije n'ibyo kongerwamo ingufu
- Ibyakorwa mu kunoza imyigire n'imyigishirize.

Urukurikirana rw'intera zifashishwa mu kugaragaza ikigero umunyeshuri agezeho

Ikiciro	Ikigero umunyeshuri ari ho
1	Birahebuje (Outstanding)
2	Birarenze (Excellent)
3	Ni byiza cyane (Very good)
4	Ni byiza (Good)
5	Ntibiragerwaho (Fair)

Igikorwa cya 2

Kugaragaza akamaro ko kwandika no kubika ibyavuye mu isuzuma mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi

Uhugura asaba abahugurwa kuganirira mu matsinda yabo ku bibazo bikurikira:

- a. Kuki ari ngombwa kwandika ibyavuye mu isuzuma kuri bu munyeshuri?
- b. Twasangiza dute ababyeyi ibyavuye mu isuzuma?
- c. Ni akahe kamaro ko kubika no gusangiza abafatanyabikorwa ibyavuye mu isuzuma?

Uhugura asaba abahugurwa gusangiza abandi ibyo bavugiyeye mu matsinda.

Ibisubizo byitezwe

- a. Ni ngombwa kwandika ibyavuye mu isuzuma kuko inyandiko idasaza ikaba ishobora no gufasha mu gihe kirekire kureba intambwe umunyeshuri yagiye atera mummyigire ye.
- b. Twasangiza ababyeyi ibyavuye mu isuzuma, tubakorera raporo yanditse cyangwa ukaba wahamagara umubyeyi ukamusangiza ibyavuye mu isuzuma.
- c. Akamaro ko gusangiza abafatanyabikorwa (abayobozi, nyiri ikigo, abashinzwe uburezi, abandi bari umunyeshuri) ibyavuye mu isuzuma kugira ngo bafashe mu gufata ingamba zikenewe ndetse no kuzishyira mu bikorwa.

Igikorwa cya 3

Kuzuzwa ifishi igaragaza uko umunyeshuri ahagaze mu myigire ye

Uhugura atanga urugero rw'uko bakuzuzwa iyi fishi bahereye ku manota yavuye mu isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika mu mwaka wa 2, igitabo cy'umwarimu urupapuro rwa 233, hanyuma agasaba abahugurwa na bo gukora imyitozo yo kuyuzuzwa.

1. Umwitozo wo gusoma amagambo: /20

Urwembe, intambwe, mpandeshatu, mfungure, ishyamba, Mukanyandwi, abakinnyi, yarembye, insharwatsi, igipfunsi

2. Umwitozo wo gusoma agakuru /50

Inyana mu kiraro

Umwiza akunda kwita ku nyana zabo. Ashimishwa no kuzigaburira ibyatsi bitoshye. Umunsi umwe avuye ku ishuri yihutiye kuzigaburira. Inyana imwe ica ikiziriko iriruka. Umwiza yifata ku munwa, yibaza icyo yakora. Atira Rudasumbwa terefoni abibwira ababyeyi be. Ababyeyi bajya kuyishaka, bayibonye bayigarura mu kiraro. Umwiza ayibonye, arishima cyane, ayizanira amazi iranywa.

3. Ibibazo byo kumva umwandiko /10

- a. Ni nde ukunda kwita ku nyana?
- b. Ni iki umwiza yakoze avuye ku ishuri?
- c. Ni bande bagiye ku ishuri ?
- d. Ababyeyi ba mwiza bagaruye inyana bayishyizehe?
- e. Kuki Umwiza yazaniye inyana amazi?

4. Icyandikwa

Andika amagambo akurikira mu mukono: **imfundiko, Ntarindwa, gutizwa, umukambwe, ishyamba**

Andika interuro ikurikira mu mukono: **Mugwiza na Mukambyeyi bagira ishyaka.**

Abanyeshuri babonye amanota akurikira muri iri suzuma

Amazina	Gusoma amagambo /20	Gusoma agakuru /50	Kumva agakuru /10	Icyandikwa /20	Igiteranyo 100
Mutoni	10	20	4	10	44
Minani	6	10	2	8	26
Kariza	20	48	10	18	96
Kimenyi	18	46	10	18	92

Kuzuzwa ifishi igaragaza uko umunyeshuri ahagaze mu myigire ye

IFISHI IGARAGAZA UKO UMUNYESHURI AHAGAZE MU MYIGIRE

Isomo: Ikinyarwanda

Umwaka wa : 2

Umutwe wa: 6

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Kwandika banoza umukono amagambo n'interuro birimo ibihekanane
- Gusesengura utwandiko tugufi twasomwe

Amazina y'umunyeshuri	Ikigero ari ho	Ibyo ashoboye n'ibyo agaragazamo intege nke	Ibyakorwa mu kunoza imyigire
1. Mutoni	Ntibiragerwaho	Ashobora gusoma agemura ntarabasha gufatanya amagambo n'interuro.	
2. Minani	Birakabije	Ashobora gusoma inyajwi ariko zahura n'ingombajwi ntashobore gusoma imigemo zbikoze	
3. Kariza	Birarenze		
4. Kimenyi	Birarenze		

Umusozo w'inyigisho : iminota 10

Uhugura yanzura inyigishisho ashimangira akamaro ko guhuriza mu idosiye imwe amanota y'umunyeshuri ku masuzuma anyuranye agenda akora no gukora raporo y'intambwe umunyeshuri agenda atera mu myigireye kugira ngo hategurwe uburyo buboneye bwo gufasha buri munyeshuri aho agaragaza intege nke.

Inyigisho ya 1 Gusobanukirwa n'imbata y'isomo

Intego y'inyigisho:

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora:

- Kugaragaza ibidanago bitandukanye bikoreshwa mu myigire n'imyigishirize
- Kugaragaza no gusobanura ibigize imbata y'isomo;
- Kwerakana uko buzuza imbata y'isomo

Imfashanyigisho: Igitabo cy'amahugurwa, Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, Impapuro zabugenewe zo kwandikaho, Agapira ko gukina, Marikeri, Ibitabo by'Ikinyarwanda by'umwarimu n'iby'umunyeshuri mu mashuri abanza, Ubujeni bwo kumanikisha impapuro.

Intangiriro: iminota 10

Igikorwa cy'umwinjizo

Uhugura asangiza abahugurwa intego z'inyigisho.

Inyigisho nyirizina: iminota 40

Igikorwa cya 1

Kugaragaza ibidanago bitandukanye bikoreshwa mu myigire n'imyigishirize

(Teacher Training Manual on the roll out on the competence based curriculum, 2015, page 64, 67, 71, 79)

Uhugura akoreshe umukino **w'ishu** aha abahugurwa agapira gakozwe n'ibidanago bikoreshwa n'umwarimu hanyuma buri wese akajya ahamburaho agapapuro kaba ari ikidanago akavuga icyo ari cyo n'uko gikoreshwa, agahereza mugenzi we agapira. Uhugurwa umwe yandika ibyo bavuga ku mpapuro zabugenewe.

Ibisubizo bishoboka:

- **Integanyanyigisho:** ni igitabo gitanga amakuru ku isomo iri n'iri, kigasobanura ibigamijwe kugerwaho, uruhare rw'umwarimu n'urw'umunyeshuri muri buri gikorwa k'imyigire n'imyigishirize, kigasobanura ibikorwa by'imyigiren'imyigishirize n'uburyo bwakoreshwa mu gtinga ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha ndetse n'uburyo bw'ikoranabuhanga bwakwinjizwa mu myigire n'imyigishirize.
- **Ingengabyigwa:** ni ikidanago gisaranganya mu byumweru no mu bihembwe ibyo umwarimu agamba kwigisha umwaka wose agendeye ku masaha agenewe isomo buri cyumweru.
 - Ikorwa buri gihe mbere yo gutangira umwaka w'amashuri

- Igaragaza intego z’imyigire n’imyigishirize zigomba kugerwaho mu bihe runaka,
 - Igaragaza ibikorwa by’umunyeshuri n’urukurikirane rwabyo,
 - Igaragaza ibyigwa, imfashanyigisho zizakenerwa n’ibitabo bizifashishwa
 - Iteganya uburyo isuzuma rizakorwamo n’igihe rizakorerwa.
- **Ikidanago cya buri muni:** ni ikidanago umwarimu yandikwamo gahunda y’amasomo ya buri muni, akagaragaza
 - **Ikayi y’umuteguro w’isomo:** ni ikidanago umwarimu ateguriramo amasomo ku buryo burambuye agaragaza, agaragaza amakuru atandukanye kuri iryo somo n’abo riri bwigishwe, intego ngenamuko umunyeshuri agomba kuba agezeho isomo rirangiye, imfashanyigisho zirifashishwa mu isomo, intambwe z’ingenzi z’isomo, ibikorwa by’umwarimu n’iby’umunyeshuri kuri buri ntambwe, uburyo bwo gufasha abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye, ingingo n’ubushobozi nsanganyamasomo bikubiye mu isomo.
 - **Ikayi yo guhamagariramo:**
 - Ni ikidanago umwarimu yandikamo itonde ry’abanyeshuri yigisha n’uko bitabira bitabira kwiga buri muni
 - Igaragaza abanyeshuri baje n’abasibye
 - Ifasha umwarimu gukora raporo y’ubwitabire ya buri kwezi
 - Ifasha kumenya abanyeshuri bashobora guhabwa amasomo y’inyongera bitewe n’uko basibye igihe kinini
 - **Ikayi y’amanota:** ni ikidanago gifasha umwarimu kubita mamanota umunyeshuri agenda ahabwa mu mikoro itandukanye, akazakusanywa ku mpera z’igihembwe agashyirwa ku ndangamanota y’umunyeshuri agashingirwaho mu kumufatira ikemezo cyo gukomeza ku ntera ikurikiyeho cyangwa kuguma ku rwego ariho.
 - **Ikayi y’imyitozo:** ni ikidanago umwarimu ateguriramo imyitozo itandukanye aha abanyeshuri n’ibisubizo byayo.
 - **Ikayi y’imikoro:** ni ikidanago umwarimu ateguriramo imikoro abanyeshuri batahana yo gukorera mu rugo akagaragaza n’ibisubizo byayo.
 - **Ikayi y’ibazwa:** ni ikidanago umwarimu ateguriramo amasuzuma atandukanye n’ibizamini akagaragaza igihe bizakorerwa n’ibisubizo byabyo.
 - **Ikayi ya note:** ni ikidanago umwarimu ateguriramo inshamake ihabwa abanyeshuri ku isomo baba bamaze kwiga.
 - **Ibitabo mfashanyigisho:** ni integanyanyigisho, ibitabo by’umwarimu, ibitabo by’umunyeshuri n’ibindi bitabo bifite aho bihuriye n’isomo bifasha umwarimu kubona amakuru akeneye ku isomo agomba kwigisha.
 - **Ingengabihe:** ni imbonerahamwe igaragaza amasomu y’umwarimu ya buri muni n’amashuri agomba kuyigishamo.
 - Ifasha guha buri somo igihe rigenewe,
 - Yoroshya kandi igashira gahunda mu bikorwa by’ishuri,
 - Ituma hadatakazwa igihe n’imbaraga nyinshi kuko ibigaragaza ibigomba gukorwa n’igihe bigomba gukorerwa.
 - Ifasha gusaranganya imirimo mu barimu ku buryo bungana.
 - Ifasha guhuza koroshya imikorere y’ishuri harebwa ibyo abarimu n’abanyeshuri bakeneye
 - Ifasha kandi mu myitwarire ikuraho urujijo no kugongana kw’ibikorwa.

- **Idosiye igaragaza ibyavuye mu masuzuma n'uko umunyeshuri ahagazemumyigire**
 - Igaraza uko umunyeshuri yageze ku bushobozi buteganyijwe muri buri mutwe
 - Ifasha gutegura imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi
 - Ifasha gutanga amakuru ku bandi barimu bazakira umunyeshuri mu myaka izakurikiraho
 - Ifasha guha ababyeyi amakuru ku myigire y'umwana n'uburyo akwiye gufashwa kugira ngo arusheho gutera imbere.

Igikorwa cya 2

Kugaragaza no gusobanura ibigize imbata y'isomo

Uhugura ashira abahugurwa mu matsinda akabasaba kuganira ku bice bigize imbata y'isomo.

Inshoza y'imbata y'umuteguro w'isomo:

Imbata y'isomo ni imbonerahamwe yateguwe yuzuzwamo intambwe z'ingenzi z'isomo, ingingo nsanganyamasomo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikubiye mu isomo.

Ibice bigize imbata y'isomo n'ibisobanuro byabyo:

Igice cya mbere: Iki ni igice kigaragaza amakuru atandukanye:

- Ikigo k'ishuri iryo somo ryigishwaho
- Amazina y'umwarimu wigisha iryo somo
- Igihembwe bagezemo biga
- Itariki y'umunsi isomo rizatangwaho
- Inyigisho nk'Ikinyarwanda cyangwa imibare
- Umwaka (ishuri) iryo somo ryigishwamo,
- Inomero y'umutwe iryo somo ririmo
- Inomero y'isomo ririmo kwigishwa
- Igihe isomo rimara
- Umubare w'abanyeshuri biga muri iryo shuri bose
- Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo n'inzego babarizwamo
- Insanganyamatsiko y'umutwe igaragara mu nteganyanyigisho
- Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri uwo mutwe
- Umutwe w'isomo,
- Intego ngenamukoro,
- Imiterere y'aho isomo ribera,
- Imfashanyigisho ziri bwifashishwe mu isomo
- Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe mu isomo.

Igice cya kabiri: Ni igice kigaragaza ibice by'isomo n'igihe bimara, inshamake igaragaza ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri, urukurikirane rw'ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri, ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo. Mu bice by'isomo, harimo uduce dutatu tw'ingenzi ari two **intangiriro, isomo rishya n'umusozo.**

Igikorwa cya 3

Gusobanukirwa n'imbata y'isomo (iminota 20) 79

Uhugura aha abahugurwa imbata y'umuteguro w'isomo akabasaba kuganira ku bice biyigize mu matsinda ya babiribabiri hanyuma bakavuga n'imbogamizi bahura na zo mu kuyuzuzza.

IMBATA Y'UMUTEGURO W'ISOMO

Izina ry'ishuri:		Amazina y'umwarimu:						
Igihembwe	Itariki	Inyigisho		Umwaka Wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanye- shuri
						...muri...		
	Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo							
Umutwe								
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe								
Isomo								
Intego ngenamukoro								
Imiterere y'aho isomo ribera								
Imfashanyigisho								
Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe								
Ibice by'isomo + igihe	Ingingo nsanganyamasomo zinjizwa mu isomo + igisobanuro kigufi:					Ubushobozi nsanganyamasomo butezwa imbere + igisobanuro kigufi kigaragaza uko buzagerwaho		
	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora							
	Ibikorwa by'umwarimu		Ibikorwa by'umunyeshuri					
Intangiriro:								
Iminota								
Isomo nyirizina:								
Iminota								
Umusozo w'isomo:								
Iminota								
-Ikomatanya								
-Isuzuma								
Kwisuzuma (umurezi)								

Umusozo w'inyigisho:

Uhugura yakira ibyo abahugurwa bamugezaho cyanecyane akumva imbogogamizi akabafasha kuzikemura aho bishoboka. Ibirenze ubushobozi bwe akabyandika bikazashyikirizwa ababishinzwe.

Inyigisho ya 2 Intego ngenamukoro

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora :

- Kugaragaza no gusobanura ibice by'ingenzi bigize intego ngenamukoro;
- Gukora intego ngenamukoro mu isomo ry'Ikinyarwanda;
- Gutegura ibikorwa bifasha kugera ku ntego ngenamukoro.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'amahugurwa, impapuro zabugenewe zo kwandikaho, marikeri, ubujeni, ibitabo by'Ikinyarwanda by'umunyeshuri n'iby'umwarimu mu mashuri abanza.

Intangiriro: iminota 10

Igikorwa cy'umwinjizo

Uhugura asaba abahugurwa kuganira babiribabiri kuri iyi mvugo bagaragaza aho ihuriye n'ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize: ***“Iyo utazi aho ujya, ntumenye n'uburyo bwo kuhagera, urugendo rwawe rushobora kurangirira aho ari ho hose.”***

Uhugura asaba amatsinda amwe gusangiza abandi ibyo baganiriyeho.

Igisubizo

“Aho ujya” wahagereranya n'itego z'isomo; **“uburyo bwo kuhagera”** wabugereranya n'ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize. **“urugendo rurangirira aho ari ho hose”** warugereranya n'isomo rirangira ritageze ku ntego. Bivuze ko kugira ngo wigishe isomo, ugomba kubanza kumenya icyo ugamije hanyuma ugategura ibikorwa bigufasha kukigeraho.

Inyigisho nyirizina: iminota 100

Igikorwa cya 1

Kugaragaza ibice by'ingenzi bigize intego ngenamukoro

Uhugura afasha abahugurwa gukora amatsinda, akabasaba kuganira ku bice bitanu bigize intego ngenamukoro. Uhugura asaba amatsinda amwe gusangiza abandi ibyo bagezeho.

Ibisubizo byitezwe

- ***Uburyo cyangwa inzira igikorwa kiri bukorwemo: birebana n'uburyo umunyeshuri akoramo ibikorwa cyangwa ibyo yifashisha kugirango akore ibyo asabwa gukora.***
- ***Uwiga: intego ngenamukoro igomba kuba igaragaza uwo ivugaho.***
- ***Imyitwarire cyangwa igikorwa: intego ngenamukoro igomba kugaragaza imyitwarire uvugwa agomba kugira cyangwa ibikorwa agomba gukora***
- ***Ikigwa: intego ngenamukoro igaragaza ikigwa ibyo bikorwa bigomba gukorerwaho.***
- ***Urwego rw'imitsindire cyangwa igipimo cy'imikorere: intego ngenamukoro igomba kugaragaza igipimo kererekanako umunyeshuri yakoze ibyo asabwa gukora uko bigomba.***

Ingero z'itego ngenamukoro

Uhugura aha abahugurwa impapuro zanditseho intego ngenamukoro bakazisesengura bagaragaza ibice bizigize.

- a. Hifashishijwe amashusho n'infashanyigisho zifatika, buri munyeshuri araba ashobora gutahura no gusoma neza inyajwi **i/I**
- b. Hifashishijwe inkuru yasomwe: **“Dufashanye”**, buri munyeshuri araba ashobora gusobanura neza amagambo abiri mashya, kuyakoresha neza mu nteruro no gusubiza neza ibibazo bine ku nkuru yasomewe.

Ibisubizo byitezwe

- a. Hifashishijwe amashusho n'infashanyigisho zifatika, buri munyeshuri araba ashobora gutahura no gusoma neza inyajwi **i/I**

1^o Uburyo cyangwa inzira igikorwa kiri bukorwemo: hifashishijwe amashusho n'infashanyigisho zifatika,

2^o Uwiga: buri munyeshuri

3^o Igikorwa cyangwa imyitwarire: gutahura no gusoma

4^o Ikigwa: inyajwi **i/I**

5^o Urwego cyangwa igipimo cy'imikorere: (gutahura no gusoma) neza

- b. Hifashishijwe inkuru yasomwe: **“Dufashanye”**, buri munyeshuri araba ashobora gusobanura neza amagambo abiri mashya, kuyakoresha neza mu nteruro no gusubiza neza ibibazo bine ku nkuru yasomewe.

1^o Uburyo cyangwa inzira igikorwa kiri bukorwemo: Hifashishijwe inkuru yasomwe

2^o Uwiga: buri munyeshuri

3^o Igikorwa cyangwa imyitwarire: gusobanura, kuyakoresha mu nteruro, gusubiza ibibazo.

4^o Ikigwa: amagambo mashya, inkuru

5^o Urwego cyangwa igipimo cy'imikorere: (gusobanura) neza amagambo abiri, (kuyakoresha) neza, (gusubiza) neza ibibazo bine

Ubutumwa

Uhugura yanzera abwira abahugurwa ko intego ngenamukoro yuzuye igomba kugaragaza ibi bice uko ari bitanu

Igikorwa cya 2

Gukora intego ngenamukoro

Uhugura asaba abahugurwa mu matsinda yabo gufata ibitabo by'umwarimu by'ikinyarwanda mu mashuri abanza, bagahitamo isomo rimwe bishakiye mu masomo y'icyumweru, bakagaragaza iryo ari ryo n'aho barikuye hanyuma bakarikorera intego ngenamukoro. Uhugura agendagenda mu cyumba cy'amahugurwa areba ko abahugurwa basobanukiwe neza ibyo bagomba gukora kandi atanga ubufasha aho bukwiye. Buri tsinda risangiza bagenzi babo ibyo bakoze, bagafatanya kubinoza aho bishoboka.

Ibisubizo byitezwe

a. Hifashishijwe ikayi y'imirongo y'inozamukono, buri munyeshuri araba ashobora gusoma no kwandika anoza umukono amagambo n'interuro birimo igihekanane **nz/Nz**.

1^o **Uburyo cyangwa inzira igikorwa kiri bukorwemo:** hifashishijwe ikayi y'imirongo y'inozamukono

2^o **Uwiga:** buri munyeshuri

3^o **Igikorwa cyangwa imyitwarire:** gusoma no kwandika

4^o **Ikigwa:** amagambo n'interuro birimo igihekanane **nz/Nz**.

5^o **Urwego cyangwa igipimo cy'imikorere:** anoza umukono.

b. Ahereye ku nteruro yahawe, umunyeshuri arashobora kugaragaza neza mu nyandiko uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga no gutahura ikinyazina ngenera ngenga mu yandi magambo. Umunyeshuri ufite ubumuga bwo kutabona, we arasubiza avuga.

1^o **Uburyo cyangwa inzira igikorwa kiri bukorwemo:** Ahereye ku nteruro yahawe

2^o **Uwiga:** umunyeshuri

3^o **Igikorwa cyangwa imyitwarire:** kugaragaza uturango, gutahura ikinyazina

4^o **Ikigwa:** ikinyazina ngenera ngenga

5^o **Urwego cyangwa igipimo cy'imikorere:** kugaragaza neza mu nyandiko, mu yandi magambo, avuga.

Igikorwa cya 3

Kugaragaza ibikorwa bishingiye ku ntego ngenamukoro zakozwe

Uhugura asaba abahugurwa gukomeza mu matsinda yabo, bakagaragaza ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize bijyanye n'intego bamaze gukora.

Umutwe wa 1, umwaka wa 2: Umuco w'amahoro

Isomo: Kumva no gusesengura inkuru: "Dufashanye": Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri mu mwaka wa 2, urup. 4; Igitabo cy'umwarimu, umwaka wa 2, urupapuro rwa 46-47

Intego ngenamukoro	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Hifashishijwe inkuru yasomwe: "Dufashanye", buri munyeshuri araba ashobora gusobanura neza amagambo abiri mashya, kuyakoresha neza mu nteruro no gusubiza nibura ibibazo bine ku nkuru yasomewe.	<ul style="list-style-type: none">- Gusaba abanyeshuri kwitegereza amashusho no gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.- Gasaba abanyeshuri gutanga ibisobanuro by'amagambo no kuyakoresha mu nteruro.- Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye.- Kubaza abanyeshuri ni uko batekerezagaga inkuru iri bugende ariko byagenze	<ul style="list-style-type: none">- Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho bahereye ku mutwe wayo no ku mashusho- Gusobanura amagambo mashya no kuyakoresha mu nteruro: mu matsinda ya babiribabiri buri wese abwira mugenziwe interuro yakoze.- Gutegamatwi uko umwarimu asoma, kuvuga uko inkuru ikomeza- Guhuza ibyo bari batekereje n'ibyabaye mu nkuru- Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru

	- Kubaza ibibazo byo kumva inkuru - Kubaza ibibazo byo gusesengura inkuru	- Gusubiza ibibazo byo gusesengura inkuru bayihuza n'ubuzima busanzwe
--	--	---

Umusozow'inyigisho: Iminota 10

Uhugura arafasha abahugurwa kwibukinya ibice by'ingenzi bigomba kugaragara mu ntego ngenamukoro ndetse bagatanga ingero z'ibikorwa ku ntego runaka byateza imbere ubushobozi nsanganyamasomo.

Inyigisho ya 3 Gutegura no kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda

Intego z'inyigisho:

Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora:

- Gutegura isomo no kuryigisha no gutanga ubujyanama ku migendekere y'isomo.

Imfashanyigisho: Imfashanyigisho zifatika zirimo isuka, isaha cyangwa amashusho yo mu gitabo cy'umunyeshuri ajyanye n'ibi bikoreho, impapuro zanditseho inyajwi n'amagambo bifite umubyimba munini, igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu n'igitabo cy'amahugurwa.

Intangiriro: Iminota 10

Igikorwa cy'umwinjizo

Uhugura abwira umwe mu bahugurwa kwigisha bagenzi be isomo ry'inteko z'amazina nta yindi myiteguro akoze. Nyuma akabaza abahurwa uko babonye iryo somo, ingorane uwigishije yahuye na zo n'impamvu yazo.

Bimwe mu bisubizo

- *Byamugoye kuryigisha*
- *Yavangavanze ibice*
- *Nta mfashanyigisho*
- *Ntiyari yiyizeye....*

Byamugoye kubera ko yigishije bimumunguye.

Uhugura ababwira ko bagiye kurebera hamwe uko bategura isomo n'ibirebana na ryo.

Inyigisho nyirizina: Iminota 120

Igikorwa

Gutegura isomo rirambuye no gukora imyitozo nyiganasomo

Gutanga ubujyanama ku migendekere y'isomo.

Uhugura abwira abahugurwa iyi nteruro: *"Nk'abarimu twifuza ko abanyeshuri baza mu ishuri biteguye kwiga, abanyeshuri na bo bifuzwa ko abarimu baza mu ishuri biteguye kwigisha."*

Uhugura asaba abahugurwa gutanga ibitekerezo kuri iyi nteruro hanyuma akabibutsa akamaro ko gutegura amasomo.

Ibisubizo byitezwe

Umuteguro w'isomo ni ngombwa mu myigire n'imyigishirize iboneye kuko ufasha umwarimu:

- Gutekereza byimbitse ku byibwa bigomba kwigishwa, agakuraho ibintu byose bishobora guteza urujijo, n'ibitaboneye.
- Gushyira kuri gahunda mbere y'igihe ibyigwa byose.
- Gutegura no kwegeranya imfashanyigisho zikenewe.
- Gutegura no guteganya uburyo n'ingamba zo kwigisha neza.
- Guhitamo no gutegura uburyo buboneye bw'isuzuma.

Uhugura asaba abahugurwa gusubiza ikibazo gikurikira:

- Ni ibiki umwarimu agomba gutekerezaho mbere yo gukora umuteguro w'isomo?

Ibisubizo byitezwe

- Agomba gutekereza ku ngengabyigwa
- Agatekereza ku ntego z'isomo
- Agatekereza ku ngingo nsanganyamasomo n'ubushobozi nsanganyamaso byizinjizwa mu isomo
- Gutekereza ku bikorwa bijyanye n'intego z'isomo
- Gutekereza ku mfashanyigisho ziboneye
- Guteganya igihe kijyanye na buri gikorwa
- Gukora ubushakashatsi kugira ngo ugire ubumenyi buhagije mu byo uzigisha
- Guhitamo uburyo buboneye butuma abanyeshuri bose bagira uruhare mu isomo kandi bagateza imbere ubushobozi bwabo.

Uhugura aha abahugurwa impapuro zabugenewe na marikeri zo kwandikisha bakajya mu matsinda, bagahitamo isomo bashatse, bakaritegura nyuma bakaza kuryigishanya bakanatanga ubujyanama ngarukirane.

Umusozo w'inyigisho

Uhugura asoza inyigisho ashimangira impamvu ari ngombwa gutanga ubujyanama ngarukirane ari ku munyeshuri no ku barium bagenzi bacu.

Ubutumwa bw'ingenzi

Abantu bakunze kwibeshya ko gutanga ubujyanama bishingira gusa ku bintu bitagenda neza, iyo batugenzuye cyangwa bakatunenga bidutera guhangayika, tukumva dushaka guhangana na bo. Ibi ni ibisanzwe kuba umuntu yashaka kwirwanaho mu rwego rwo kugaragaza ko na we akwiye guhabwa agaciro. Ubujyanama ngarukirane bushobora gushimisha cyangwa bukababaza ubuhabwa.

Nk'uko byagaragajwe na "Harvard business review", 57% by'abantu bishimira guhabwa ubujyanama ngarukirane bububaka kuko bibongerera imbaraga mu kazi bakora.

Muri make rero gutanga ubujyanama ngarukirane ntibisobanura kubwira umuntu ngo: "wakoze neza!" nta cyo ushingiyeho. Ni ngombwa ko ukoresha uburyo bugaragaza icyo umuntu yakoze neza, uburyo n'impamvu yagikoze neza ndetse n'umusaruro byatanze.

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE

1. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda (2015), Ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza
2. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda (2015), Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza
3. Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu (2018), Umwaka wa mbere w'amashuri abanza
4. Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri (2018), Umwaka wa mbere w'amashuri abanza
5. Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri (2018), Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza
6. Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu (2018), Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza
7. Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri (2018), Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza
8. Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri (2018), Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza
9. Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu (2018), Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza
10. Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri (2018), Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza
11. Twumve, tuvuge, dusome, twandike, duhange mu Kinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri (2019), Umwaka wa kane w'amashuri abanza
12. Ikinyarwanda-Amashuri abanza, Umwaka wa 5, Twumve, tuvuge, dusome, twandike, duhange mu Kinyarwanda (2019), Igitabo cy'umunyeshuri
13. Ikinyarwanda-Amashuri abanza, Umwaka wa 6 (2019), Igitabo cy'umunyeshuri
14. Ikinyarwanda-Amashuri abanza, Umwaka wa 6(2019), Igitabo cy'umwarimu
15. Curriculum framework Pre-primary to Upper secondary (2015)
16. Teacher Training Manual on the roll out on the competence based curriculum
17. TTC orientation manual, 2019

IMIGEREKA

Umurereka wa 1: Umuteguro w'isomo

UMUTEGURO W'ISOMO RYO GUTAHURA NO GUSOMA INYAJWI

Izina ry' ishuri.....

Amazina y'umwarimu.....

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwakawa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
1	15/02/2019	Ikinyarwanda	Mbere	Mbere	18 muri 48	40	36
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo		- Umunyeshuri ufite ubumuga bwo kutumva neza: 1 - Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona ibiri kure: 2					
Umutwe	Umuco n'indangagaciro						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusoma no kwandika inyajwi i na u no kuzitahura mu magambo no mu nteruro ndetse no mu twandiko tuvuga ku muco n'indangagaciro.						
Isomo	Gutahura no gusoma inyajwi i						
Intego ngenamukoro	Hifashishijwe amashusho n'imfashanyigisho zifatika, buri munyeshuri araba ashobora gutahura no gusoma neza inyajwi i/I						
Imiterere y'aho isomo ribera	Abanyeshuri barigira mu ishuri.						
Imfashanyigisho	Imfashanyigisho zifatika zirimo isuka , urukweto n'isaha cyangwa amashusho yo mu gitabo cy'umunyeshuri ajyanye n'ibi bikoresho, impapuro zanditseho inyajwi i/I n'amagambo bifite umubyimba munini.						
Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 5 n'urwa 6 ; icy'umunyeshuri, urupapuro rwa 6; igitabo cy'umwarimu umwaka wa mbere, urupapuro rwa 23, integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya 1, umwaka wa mbere, urupapuro rwa 15-17.						

<p>Ibice by'isomo + igihe</p>	<p>Ingingo nsanganyamasomo zinjizwa mu isomo + igisobanuro kigufi:</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Umuco w'amahoro: Uragaragarira mu ngingo z'umwandiko "Tugire ikinyabupfura." - Uburinganire n'ubwuzuzanye: Bugaragarira mu kubaza ibibazo abahungu n'abakobwa no mu bikorwa bahabwa. - Uburezi budaheza: Bugaragarira mu gufasha abanyeshuri bafite ibibazo byihariye. <p>Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora</p> <p>Umwarimu akoresheje uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore", areka abanyeshuri amashusho, abereke ikimenyetso k'inyajwi i nto n'inkuru, bayisome inshuro nyinshi zishoboka. Arasaba abanyeshuri gusoma gushaka inyajwi i/I mu magambo. Abanyeshuri batabona ibiri kure, barahabwa impapuro zanditseho inyajwi i/I n'amagambo bifite umubyimba munini bibafasha gusoma no kwerekana iyo nyajwi. Utumva neza abwirwe mu ijwi riranguruye, amubiriremo ibyo abandi bavuze, avuge amureba kandi hakoreshwe ibimenyetso by'umubiri n'amashusho agaragara neza.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo+ igisobanuro kigufi kigaragaza uko buzagerwaho</p>
	<p>Ibikorwa by'umwarimu</p>	<p>Ibikorwa by'umunyeshuri</p>
<p>Intangiriro: Iminota 5</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, kubakosora no gufasha abafite ibibazo byihariye. - Gusaba abanyeshuri kuririmba itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda bagenda bazikoraho aho ziri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 3. -Gusaba abanyeshuri kwitegereza imisharabiko iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 5, no kubasaba kwerekana umurongo uhagaze, utambitse n'ishusho y'akadomo bakoresheje urutoki. - Kuyobora abanyeshuri mu gihe berekana imirongo no gufasha abafite ibibazo byihariye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana aho bakoreye umukoro cyangwa kuvuga uko bakoze umukoro. - Gufungura ibitabo ku rupapuro rwa 3 no kuririmba itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda bagenda bazikoraho. - Kwitegereza imisharabiko iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 5, no kubasaba kwerekana umurongo uhagaze, utambitse n'ishusho y'akadomo bakoresheje urutoki. <p>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: biragaragarira mu kwitegereza imisharabiko no kwerekana imirongo ihagaze n'itambitse.</p>

<p>Isomo nyirizina: Iminota 25 1. Itahuramajwi</p>	<p>Gutahura no kwitazakuvugaijwirishya “i”</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusomera abanyeshuri igika cya gatatu k’inkuru “Tugire ikinyabupfura.” - Kubaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku magambo y’ifatizo arimo ijwi rishya i. <p>Urugero:</p> <p>Iyo Marebe yasabaga se kumusomera inkuru yamusubizaga iki?</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusubiramo amagambo inkuru, imyitwarire hatsindagirwa ijwi rishya i. - Gufatanya n’abanyeshuri gusubiramo amagambo hatsindagirwa ijwi rishya i. - Gusaba abanyeshuri gusubiramo amagambo arimo ijwi i ku giti cyabo, batsindagira ijwi i, bigana urugero bahawe. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutega amatwi igika k’inkuru basomerwa n’umwarimu. - Gusubiza ibibazo umwarimu abajije. <p>Ibisubizo byitezwe:</p> <p>Se yamusubizaga ko atasomera inkuru umwana ufite imyitwarire mibi.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutega amatwi uko umwarimu asubiramo amagambo inkuru, imyitwarire atsindagira ijwi rishya i. - Gufatanya n’umwarimu gusubiramo amagambo hatsindagirwa ijwi rishya i. - Gusubiramo amagambo arimo ijwi i ku giti cyabo, batsindagira ijwi i, bigana urugero bahawe. 	<p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: bigaragarira mu gusubiza ibibazo babajijwe.</p> <p>Ubushakashatsi: bugaragarira mu kwitegereza amashusho akayahuza n’ibyo abajijwe</p>
--	--	--	---

<p>2. Ihuzamajwi</p>	<p>Gutahura ijwi rishya “i” bahereye ku mashusho</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri kwitegereza amashusho no kuvuga amazina yayo. - Kwakira no kwemeza <p>ibisubizo by’abanyeshuri babiri cyangwa batatu.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Guha abanyeshuri urugero rw’uko batahura ijwi ry’ishusho ya mbere “isuka” abara imigemo anazamura ibikumwe nyuma yo gutahurako mu izina ry’ishusho y’isuka yumvisemo ijwi ribanza rya /i/. - Gufatanya n’abanyeshuri bagatahurajwi/i/ bahereye ku ishusho ya kabiri “urukweto”. - Gusa abanyeshuri kuvuga izina ry’ishusho ya gatatu “isaha”kugiti cyabo bigana urugero bahawe. - Gusaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo ijwi /i/. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho ari mu bitabobyabo no kuvuga amazina yayo. Ishusho ya mbereniy’isuka, iya kabiri ni iy’urukweto naho iya gatatu ni iy’isaha. - Gukurikira urugero bahawe n’umwarimu no gutega amatwi neza amabwiriza. - Gufatanya n’umwarimu gutahura ijwi bahereye ku ishusho ya kabiri “urukweto”. - Kuvuga izina ry’ishusho ya gatatu “isaha”ku giti cyabo bigana urugero bahawe. - Gutanga andi magambo arimo ijwi /i/. 	<p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: bigaragarira mu gusubiza ibibazo babajijwe.</p> <p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: bigaragarira mu gusubiza ibibazo babajijwe.</p>
	<p>Kwerekana ikimenyetso k’inyajwi “i” nto n’uko isomwa</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri gukurikira uko inyajwi i mu nyuguti nto yandikwa akayibasomera. - Kwandika inyajwi i ku kibaho no kuyisomera hamwe n’abanyeshuri. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukurikira uko umwarimu yandika ku kibaho inyajwi i mu nyuguti nto n’uko ayisoma. - Gukurikira uko umwarimu yandika inyajwi i mu nyuguti nto ku kibaho no kuyisomera hamwe n’umwarimu. 	

	<p>- Kongera kwandika inyajwi i nto ku kibaho, gusaba abanyeshuri gusoma inyajwi i ku giti cyabo no kugenda ukora ku nyajwi abanyeshuri bayisoma.</p> <p>- Gusaba abanyeshuri kwerekana inyajwi i ntomu bitabo byabo ku rupapuro rwa 6, kuyisomera bagenzi babo bayikozaho urutoki basimburana.</p> <p>- Kugendagenda mu ishuri atega amatwi uko abanyeshuri basoma, afasha abafite ibibazo byihariye.</p> <p>Kwerekana ikimenyetso k'inyajwi "I" nkuru n'uko isomwa</p> <p>- Gusaba abanyeshuri gukurikira uko inyajwi "I" mu nyuguti nkuru yandika ku kibaho no kuyibasomera.</p> <p>- Kwandika inyajwi "I" ku kibaho no kuyisomerahamwe n'abanyeshuri.</p> <p>- Kongera kwandika inyajwi "I" nkuru ku kibaho, gusaba abanyeshuri gusoma inyajwi "I" ku giti cyabo no kugenda ukora ku nyajwi abanyeshuri bayisoma.</p>	<p>- Gukurikira uko umwarimu yandika inyajwi i mu nyuguti nto ku kibaho no gusoma ku giti cyabo inyajwi aberetse.</p> <p>- Kwerekana inyajwi i ntomu bitabo byabo ku rupapuro rwa 6 no kuyisomera bagenzi babo bayikozaho urutoki basimburana.</p> <p>- Gukurikira uko umwarimu yandika ku kibaho inyajwi "I" mu nyuguti nkuru n'uko ayisoma.</p> <p>- Gukurikira uko umwarimu yandika inyajwi "I" mu nyuguti nkuru ku kibaho no kuyisomera hamwe n'umwarimu.</p> <p>- Gukurikira uko umwarimu yandika inyajwi "I" mu nyuguti nkuru ku kibaho no gusoma ku giti cyabo inyajwi aberetse.</p>	
	<p>- Gusaba abanyeshuri kwerekana inyajwi "I" nkurumu bitabo byabo ku rupapuro rwa 6, kuyisomera bagenzi babo bayikozaho urutoki basimburana.</p>	<p>- Kwerekana inyajwi "I" nkurumu bitabo byabo ku rupapuro rwa 6 no kuyisomera bagenzi babo bayikozaho urutoki basimburana.</p>	

Inshamake:

Iminota 2

- Kugendagenda mu ishuri atega amatwi uko abanyeshuri basoma, afasha abafite ibibazo byihariye.

Kwerekana aho inyajwi i/I yanditse mu ijambo

- Gusobanurira abanyeshuri ko mugiyeye kwerekana ahanditse inyajwi **i/I** mu magambo abirabiri ateganyeye mu nkingi ebyiri zatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 6, igikorwa cya 3. Niba ijambo rifite inyajwi **i/I**, ayikoraho akayibereka.

- Kwandika ku kibaho amagambo **Iribagiza, urugo**, kwerekana buri nyajwi **i/I** iri mu ijambo no kubabwira ko ijambo **Iribagiza** rifite inyajwi **i/I** eshatu.

- Kwerekana ko mu ijambo rya kabiri **urugo** nta nyajwi **i/I** irimo.

- Gufatanya n'abanyeshuri gushaka no kwerekana inyajwi **i/I** mu ijambo **amata**, kubwira abanyeshuri gushyira ukuboko hejuru nibayibonamo. Kuvugira hamwe n'abanyeshuri ko mu ijambo **amata** nta nyajwi **i** irimo.

- Gufatanya n'abanyeshuri gushaka no kwerekana inyajwi **i/I** mu ijambo **ino**, kubwira abanyeshuri ko bashyira ukuboko hejuru nibayibonamo.

- Gutega amatwi amabwiriza.

Kureba mu gitabo bakerekana inyajwi **i/I**

Iribagiza	Urugo
amata	Ino
isaha	Umubu
umuvure	Umugi
amabati	Uruho
amazi	Ana

- Kwitegereza urugero rw'umwarimu.

- Gufatanya n'umwarimu gushaka no kwerekana inyajwi **i/I** mu ijambo **amata**, kubwira abanyeshuri gushyira ukuboko hejuru niba yibonamo. Kuvugira hamwe n'umwarimu ko mu ijambo **amata** nta nyajwi **i** irimo.

- Gufatanya n'umwarimu gushaka no kwerekana inyajwi **i/I** mu ijambo **ino** abanyeshuri bashyira ukuboko hejuru bayibonyemo.

	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvugira hamwe n'abanyeshuri ko mu ijambo ino harimo inyajwi i. - Gusaba abanyeshuri ku giti cyabo kwerekana inyajwi i/I mu magambo ari mu bitabo byabo, urupapuro rwa 6. -Gufatanya n'abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bize. 	<ul style="list-style-type: none"> -Kuvugira hamwe n'umwarimu ko mu ijambo ino harimo inyajwi i. - Kwerekana ku giti cyabo inyajwi i/I mu magambo ari mu bitabo byabo, urupapuro rwa 6, igikorwa cya 3. - Gufatanya n'umwarimu ku vuga muri make ibyo bibuka. 	
<p>-Isuzuma Iminota 8</p> <p>Umukoro</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri gusoma inyajwi i/I bayikoraho mu bitabo byabo, ku rupapuro rwa 6, igikorwa cya 3 bayikoreho kandi bayisome. - Kugendagenda areba uko abanyeshuri basoma afasha abafite ibibazo byihariye. - Gusaba abanyeshuri kuza kubaza abo babana izindi ngero z'amagambo arimo inyajwi i/I no kuzazibwira bagenzi babo mu ishuri. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma nyajwi i/I bayikoraho mu bitabo byabo, ku rupapuro rwa 6, igikorwa cya 3 bayikoreho kandi bayisoma. - Gusomera abo babana inyajwi i/I, kubabaza izindi ngero z'amagambo irimo no kuzazibwira bagenzi babo mu ishuri. 	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo:</p> <p>Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:</p> <p>Bigaragarira mu mukoro mu gihe basomera abo banyeshuri inyajwi i/I.</p> <p>Ubushakashatsi:</p> <p>Bugaragara mu gihe babaza abo banyeshuri amagambo arimo inyajwi i/I.</p>
Kwisuzuma (umwarimu)	<p>Hakurikijwe intego ngenamukoro, abanyeshuri batahuye kandi basoma inyajwi neza ariko kuko ari ubwa mbere, byagoranye kumenya urupapuro bagezeho biga, igikorwa tugezeho ndetse no gufata ibitabo uko bikwiye. Mu isomo rikurikiraho abanyeshuri bazabwirwa ibara ry'ahobageze baryerekwe ku buryo buzabafasha gutahura neza aho bageze.</p>		

Umugereka wa 2: Umwandiko “Kwita ku batishoboye”

(TWUMVE, TUVUGE, DUSOME, TWANDIKE, DUHANGE MU KINYARWANDA, Igitabo cy’umunyeshuri umwaka wa 4 w’amashuri abanza (2016), urupapuro rwa 18-20.)

Kwita ku batishoboye: Ikiganiro hagati ya Hanyurwimfura na Murekatete



Hanyurwimfura ni umwana w’umuhungu wiga mu mashuri mu wa kane w’amashuri abanza. Arangwa no kugira amatsiko ibyo atumva neza agasobanuzwa. Arimo kuganira na Murekatete umukobwa w’inkumi baturanye wiga

Hanyurwimfura: Murekatete ko numva kuri Radiyo bakunda kuvuga ngo tuge dufasha abatishoboye wandusha kumenya abatishoboye abo ari bo?

Murekatete: Mbega ikibazo kiza! Reka ngufashe kumva neza abatishoboye abo ari bo. Abatishoboye bashobora kuba abana, abantu bafite ubumuga cyangwa abantu bakuze cyane, abarwayi barembye, abakene cyane, impunzi n’abatagira akazi bagorwa no kubona iby’ibanze byo kubabeshaho bigatuma bakenera ubufasha kugira ngo bashobore kwitabwaho ndetse no kurindwa.

Hanyurwimfura: Naho se igikorwa cyo kwita ku batishoboye ni igikorwa giteye gute?

Murekatete: Igikorwa cyo kwita ku batishoboye ni igikorwa cyose kiba kigamije kubafasha kandi kigakorana ubushake. Ingero z’ibikorwa byo gufasha abatishoboye ni nko kubakorera ubuvugizi kugira ngo batavutswa uburenganzira bwabo, kubatabara kugira ngo hatagira

uhera ku ntege nke zabo akabagirira nabi. Ikindi bakorerwa ni nko kubavuzza, kububakira aho baba, kubaha icyo kwambara, kubaha ibibatunga n'ibindi bakenera by'ibanze.

Kwita ku batishoboye kandi ni ugucumbikira abadafite aho baba, gusura abababaye, kubakira abadafite intege n'ubushobozi, kubatega amatwi ukumva ingorane n'ibibazo bafite mugafatanyaga kubishakira ibisubizo. Abatishoboye kandi bashobora kwishyira hamwe, bagafashwa kwiteza imbere, kubona ubwisungane mu kwivuzza, kandi bakitabwaho kugira ngo bagire ubuzima buzira umuze n'imibereho myiza.

Buri wese rero ashobora kugira ubufasha yatanga, nko gusana cyangwa kubakira umukecuru udafite ubushobozi. Abatishoboye dushobora kubitaho tubaha ibiryo, imyenda n'ibindi bintu bakenera mu buzima bwabo bwa buri munsu. Hari abarwayi baba bari mu bitaro kwa muganga bakabura amafaranga yo kwishyura. Hari abana baba ari imfubyi cyangwa bafite ababyeyi badashobora kubarihirira amafaranga n'ibikoresho by'ishuri. Abo bose baba bakeneye ubufasha. Abana bagenzi babo bashobora kubafasha babakorera ubuvugizi ku babyeyi babo bakabatera inkunga y'ibyo bakeneye.

Hanyurwimfura: Ese ko aho dusengera batubwiye ngo nitujya tunyura ku muntu ukuze atwaye ikintu tuge tumutwaza, ubwo ntirwaba ari urugero rwo kwita ku batishoboye?

Murekatete: Rwose utanze urugero rwiza rwo kwita ku batishoboye. Nuhura n'umuntu ukuze cyane cyangwa unaniwe uge umwakira umutwaze ibyo afite. Kwita ku batishoboye ni ukubakunda ukaba wabatera ibyishimo. Mbese ni ukubagira inama no kubereka umutima w'impuhwe n'urukundo. Abatishoboye bagomba guhabwa agaciro, ntibasuzugurwe cyangwa ngo bahabwe akato. Kubagirira nabi byaba ari ukubarenganya kuko aba atari bo babyiteye. Abatishoboye rero ntibagomba gutereranwa ahubwo bagomba kwitabwaho ku buryo bumva bafite agaciro n'ikizere cyo kubaho.

Hanyurwimfura: Koko babivuze ukuri ngo ubwenge burarahurwa. Urakoze cyane kunsobanurira. Ubu nange ngiye kujya nita ku batishoboye kandi mbikangurire na bagenzi bange.

IMPINE Z'AMAGAMBO

ESSP: Education Sector Strategic Plan

7YGP: Seven Year Government Programme

EDPRS: Economic Development and Poverty Reduction Strategy